# UMUVUNYI
## MAGAZINE

NOMERO 46

*Ikinyamakuru cy'Urwego rw'Umuvunyi gishishikariza Abaturarwanda gukumira no kurwanya Akarengane na Ruswa*

**GITANGIRWA UBUNTU**




IJAMBO RY'IBANZE

TURWANYE AKARENGANE

TURWANYE RUSWA

IMIYOBORERE MYIZA

IBIKORWA BY'URWEGO RW'UMUVUNYI

INKURU ISHUSHANYIJE

www.ombudsman.gov.rw / E-mail: ombudsinfo@ombudsman.gov.rw

Guhamagara ku buntu : 199 / Kohereza ubutumwa ku buntu: 1990

# IBIRIMO



12



13




17



28



30



34


## I. IJAMBO RY'IBANZE

INSHINGANO Y'URWEGO RW'UMUVUNYI YO GUSUBIRISHAMO IMANZA KU MPAMVU Z'AKARENGANE ..... 3

## II. TURWANYE AKARENGANE

UMUVUNYI WUNGIRIJE USHINZWE GUKUMIRA NO KURWANYA AKARENGANE MADAMU YANKULIJE ODETTE ASUBIZA IBIBAZO KU KURANGIZA IMANZA N'IZINDI NYANDIKOMPESHA. ..... 5

UMUTURAGE USABA KO URUBANZA YATSINZWEMO RUSUBIRISHWAMO KU MPAMVU Z'AKARENGANE AGOMBA KUBA YUJUJE IBIKI KUGIRA NGO URWEGO RW'UMUVUNYI RWAKIRE DOSIYE YE? ..... 10

NYAMAGABE: URWEGO RW'UMUVUNYI RWASABYE GUKEMURIRA IBIBAZO MU MURYANGO KUKO BIRINDA ABATURAGE GUSIRAGIRA ..... 12

## III. TURWANYE RUSWA

URUHARE RW'UBUFATANYE BW'INZEGO MU GUTANGA SERIVISI INOZE NO KURWANYA RUSWA N'AKARENGANE ..... 14

I. INTANGIRIRO ..... 14

II. SERIVISI INOZE MU ISURA Y'URWEGO RW'UMUVUNYI ..... 14

III. UBUFATANYE BW'INZEGO MU GUTANGA SERIVISI INOZE NO KURWANYA AKARENGANE NA RUSWA ..... 16

U RWANDA RWIZIHIJE UMUNSI MPUZAMAHANGA WAHARIWE KURWANYA RUSWA MU MWAKA WA 2022 ..... 17

INGAMBA ZASHYIZWEHO NA LETA Y'U RWANDA MU RWEGO RWO GUKUMIRA NO KURWANYA RUSWA NO KUGARUZA UMUTUNGO ..... 20

## IV. IMIYOBORERE MYIZA

TUMENYE IBIHANO BITEGANYWA N'ITEGEKO N° 55/2021 RYO KU WA 29/08/2021 RIGENGA IMENYEKANISHAMUTUNGO ..... 24

INYIGISHO ZIHABWA ABAYOBOZI KU RUHARE RW'UBUNYANGAMUGAYO N'INDANGAGACIRO MU GUKUMIRA NO KURWANYA RUSWA N'AKARENGANE ..... 26

## V. IBIKORWA BY'URWEGO R'WUMUVUNYI

U RWANDA RWAKIRIYE INAMA YA 24 YA KOMITE NYOBOZI Y'ISHYIRAHAMWE RY'INZEGO ZISHINZWE KURWANYA RUSWA MURI AFRIKA Y'IBURASIRAZUBA (EAAACA) ..... 28

URWEGO RW'UMUVUNYI RWAHEMBYE ABANYAMAKURU N'AMASHYIRAHAMWE Y'URUBYIRUKO YO KURWANYA RUSWA ..... 30

URWEGO RW'UMUVUNYI RUSHIMA IBIKORWA BIKORWA N'AMAHURIRO Y'URUBYIRUKO YO KURWANYA RUSWA ..... 31

URWEGO RW'UMUVUNYI RWAGIRANYE INAMA NYUNGURANABITEKEREZO N'INZEGO ZIFITE MU NSHINGANO SERIVISI Z'IMARI BAGANIRA KU NGAMBA ZO GUKUMIRA NO KURWANYA RUSWA ..... 32

## VI. INKURU ISHUSHANYIJE

# IJAMBO RY'IBANZE

## INSHINGANO Y'URWEGO RW'UMUVUNYI YO GUSUBIRISHAMO IMANZA KU MPAMVU Z'AKARENGANE



**Madamu YANKULIJE Odette**
**Umuvunyi Wungirije Ushinzwe gukumira no kurwanya Akarengane**

Tumaze kubona ko abaturage batugana ari benshi basaba ko twasuzuma imanza baba baraburanye kandi tugasaba Urukiko rw'Ikirenga gusubiramo bene izo manza ku mpamvu z'akarengane; duhisemo gusobanurira abaturage ibyo dushingiraho dushyira mu bikorwa ubu bubasha ariko tunasaba abaturage kumenya icyo amategeko ateganya kuri ubu buryo bwo gusubirishamo imanza ku mpamvu z'akarengane. Kugeza ubu hari aho Urwego rw'Umuvunyi rukomora ububasha bwo gusubirishamo imanza ku mpamvu z'akarengane; ubu bubasha bushingiye ku Itegeko Ngenga N° 03/2012/OL ryo kuwa 13/06/2012 rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga, bushingiye na none kandi ku Itegeko No 30/2018 ryo ku wa 02/06/2018 rigena Ububasha bw'Inkiko. Ububasha bwo gusaba gusubirishamo imanza ku mpamvu z'akarengane bunashingira na none ku Itegeko N° 54/2021 ryo kuwa 29/8/2021 rigenga kurwego rw'Umuvunyi.

Reka rero turebe impamvu zo gusubirishamo imanza ku mpamvu z'akarengane

Ingingo ya 55 y'Itegeko No 30/2018 ryo ku wa 02/06/2018 rigene Ububasha bw'Inkiko, iteganya ko Urubanza rwaciwe ku rwego rwa nyuma rushobora gusubirwamo ku mpamvu z'akarengane kubera imwe mu mpamvu zikurikira:

- ***Iyo hari ibimenyetso simusiga bigaragaza ruswa, ikimenyane cyangwa icyenewabo, byagize ingaruka ku mikirize y'urubanza bikaba bitarigeze bimenywa n'uwatsinzwe mu gihe cy'iburana;***
- ***iyo mu icibwa ry'urubanza hirengagijwe amategeko cyangwa ibimenyetso bigaragarira buri wese;***
- ***iyo urubanza rudashobora kurangizwa hakurikije imikirize yarwo.***

Iyo ngingoya 55 kandi iteganya ko umuburanyi wari ufite uburenganzira bwo kwiyambaza izindi nzira z'ubujurire zisanzwe n'izidasanzwe ariko ntabikore mu gihe giteganyijwe n'amategeko atemerewe gusaba ko urubanza yatsinzwe rusubirishwamo ku mpamvu z'akarengane, keretse akarengane kabonywe n'Ubugenzuzi Bukuru bw'Inkiko.

Kuva Urwego rw'Umuvunyi rwahabwa inshingano yo gusabira urubanza kuba rwasubirwamo ku mpamvu z'akarengane, nta dosiye n'imwe rurakira isaba ko urubanza rwasubirwamo kubera ruswa, ikimenyane cyangwa icyenewabo, byagize ingaruka ku mikirize y'urubanza nk'uko impamvu ya mbere y'akarengane ibiteganya, ndetse n'impamvu ya gatatu yo gusubirishamo urubanza kubera ko rudashobora kurangizwa, amadosiye yazo akaba ari make cyane. Ahubwo usanga ababuranyi hafi ya bose bagaragaza ko barenganye, akarengane kabo gagashingira ku mategeko n'ibimenyetso babona ko byirengagijwe mu mikirize y'imanza baba baraburanye.

Reka tunibutse kandi abaturage ko gusaba gusubirishamo urubanza ku mpamvu z'akarengane bikorwa mu buryo no mu bihe bikurikira:

# IJAMBO RY'IBANZE

1. Iyo umuburanyi abonye hari akarengane kagaragara mu rubanza rwe, yandikira Perezida w'Urukiko rukuriye urwaciye urubanza ku rwego rwa nyuma, akaba ariwe usuzuma ako karengane;

2. Iyo urubanza rusabirwa gusubirwamo ku mpamvu z'akarengane ari urubanza rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire, ubusabe bushyikirizwa Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga. Icyemezo afashe ku isuzuma ry'akarengane kiba ari ndakuka, nta rundi rwego rugisuzuma;

3. Urwego rw'Umuvunyi ntirufite ububasha bwo gusuzuma urubanza rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire cyangwa Urukiko rw'Ikirenga;

4. Iyo Perezida w'Urukiko rwasabwe gusuzuma akarengane mu rubanza asanze akarengane kavugwa kagaragaramo, ahita yandikira Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga asaba ko urwo rubanza rwasubirwamo ku mpamvu z'akarengane;

5. Umuburanyi ntashobora gushyikiriza ikibazo cye Urwego rw'Umuvunyi asaba gusuzuma akarengane yagiriye mu rubanza kugira ngo rusabirwe gusubirwamo atabanje kugishyikiriza Perezida w'Urukiko rukuriye urwaciye urwo rubanza ku rwego rwa nyuma. Umuburanyi yandikira Urwego rw'Umuvunyi asaba ko rwasuzuma akarengane kabaye mu rubanza rwe aruko atanyuzwe n'igisubizo yahawe na Perezida w'Urukiko rwasabwe gusuzuma ako karengane.

6. Gusaba ko urubanza rusubirwamo ku mpamvu z'akarengane bisabwa Perezida w'Urukiko rukuriye urwaciye urwo rubanza ku rwego rwa nyuma, mu gihe iminsi mirongo itatu (30) uhereye ku munsi umuburanyi yamenyesherejweho imikirize y'urwo rubanza asabira gusubirwamo. Mu gihe impamvu ishingirwaho mu gusaba ko urubanza rusubirwamo ari uko rudashobora kurangizwa hakurikijwe imikirize yarwo; icyo gihe cy'iminsi mirongo itatu (30) kibarwa guhera igihe byagaragaye ko urwo rubanza rudashobora kurangizwa byemejwe mu nyandiko n'Umuhesha w'Inkiko;

7. Gushyikiriza Urwego rw'Umuvunyi ikibazo gisaba gusubirishamo urubanza ku mpamvu z'akarengane na byo bikorwa mu gihe cy'iminsi mirongo itatu (30) kibarwa guhera igihe umuburanyi yaherewe igisubizo na Perezida w'Urukiko rwari rwasabwe gusuzuma akarengane;

8. Iyo Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga asuzumye raporo yashyikirijwe ku rubanza rw'akarengane, akemeza ko rwongera kuburanishwa, ayohereza Umwanditsi Mukuru w'Urukiko rw'Ikirenga kugira ngo urwo rubanza rushyirwe kuri gahunda y'iburanishwa cyangwa akarwohereza mu rundi Rukiko rwisumbuye ku rwaciye urubanza bwa nyuma mu gihe asanze urwo rubanza nta murongo wihariye rwatanga ku zindi nkiko;

9. Gusaba ko urubanza rwaciwe ku rwego rwa nyuma rusubirwamo ku mpamvu z'akarengane ntibihagarika irangiza ryarwo. Icyakora, iyo Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga yemeje ko urubanza rwongera kuburanishwa ku mpamvu z'akarengane ariko rutararangizwa, irangizwa ryarwo rihita rihagarara kabone n'iyo imihango yo kururangiza yaba yaratangiye;

10. Imanza zisabirwa gusubirwamo ku mpamvu z'akarengane ntizitangirwa ingwate y'amagarama kandi ntizishobora kongera kujuririrwa.

**Urwego rw'Umuvunyi**

# TURWANYE AKARENGANE

## UMUVUNYI WUNGIRIJE USHINZWE GUKUMIRA NO KURWANYA AKARENGANE MADAMU YANKULIJE ODETTE ASUBIZA IBIBAZO KU KURANGIZA IMANZA N'IZINDI NYANDIKOMPESHA.

Akamaro ko kurangiza urubanza ku neza, inzira za cyamunara n'ingaruka zayo, no kugaragaza uburyo cyamunara zikorwa hifashishijwe ikoranabuhanga.

**Ikiganiro kirambuye n'Umuvunyi wungirije ushinzwe gukumira no kurwanya akarengane**

**Umwanditsi:** Ni ryari umuntu yavuga ko umuturage warenganye akiyambaza Urukiko yabonye ubutabera bwuzuye?

**Umuvunyi Wungirije:** Umuturage wiyambaje Urukiko agatsinda abona ubutabera bwuzuye iyo ahawe ibyo yatsindiye, ari byo abenshi bakunze kwita kurangirizwa urubanza. Ni yo mpamvu buri muntu ubifite mu nshingano aba agomba gufasha ufite urubanza rugomba kurangizwa kugirango abone ubutabera bwuzuye. Iyo umuntu agiye mu nkiko asaba kurenganurwa icyo aba ashaka si ugutsinda gusa ahubwo aba yifuza kubona ibyo yatsindiye. Urubanza rero, kimwe n'izindi nyandikompesha, rushobora kurangizwa ku neza cyangwa ku ngufu za Leta.

**Umwanditsi:** Ko muvuze ngo urubanza kimwe n'izindi nyandikompesha, inyandikompesha ni iki, ihurira he n'urubanza?

**Umuvunyi Wungirije:** Urubanza ni ubwoko bumwe bw'inyandikompesha, naho inyandikompesha ni inyandiko zishingiye ku byemezo by'inzego zibifitiye ububasha cyangwa byemeranyijweho n'abo bireba, zishobora kurangizwa ku gahato zimaze kugenzurwa no kwemezwa n'umwanditsi w'urukiko, cyangwa undi mukozi ubifitiye ububasha. Inyandikompesha zikunze kugaragara mu buzima bwa buri munsi bw'abaturarwanda ni izi zikurikira:

- Imanza zaciwe n'inkiko;
- Ibyemezo by'abacamanza;
- Imanza z'inkiko nkemurampaka
- Imyanzuro ya komite y'abunzi
- Inyandikomvaho zirimo ingingo zemerera uberewemo umwenda kugurisha icyagwatirijwe bitagombye urubanza;
- Amasezerano yo kwikiranura yakorewe imbere ya noteri;
- Inyandiko y'ubwumvikane iriho umukono w'impande zombi n'ubwunzi byakorewe hanze y'urukiko;
- Inyandikomvaho n'imanza z'inkiko zo mu mahanga abacamanza bo mu Rwanda babifitiye ububasha bemeye ko ziharangirizwa;
- Kimwe n'izindi nyandiko zishobora gushyirwaho n'amategeko.

Ikimenyetso kigaragaza ko ibyemejwe mu nyandikompesha tumaze kuvuga bishobora guhita bishyirwa mu bikorwa ku neza cyangwa ku ngufu za Leta ni Inyandikompuruza, abenshi bazi ku izina rya kashempuruza.

**Umwanditsi:** Tugitangira ikiganiro mwavuze ko Urubanza, kimwe n'izindi nyandikompesha, zishobora kurangizwa ku neza cyangwa ku ngufu za Leta none mwongeye kugaruka ku kintu cyo gushyira mu bikorwa inyandikompesha ku neza cyangwa ku ngufu za Leta. Akamaro ko gushyira mu bikorwa inyandikompesha ku neza ni akahe ? Ingaruka zo kutabikora zo ni izihe ?

**Umuvunyi Wungirije:** Ubundi dukunze gukangurira abaturarwanda bose muri rusange ubwiza bwo gushyira mu bikorwa inyandikompesha ku neza kuko ari byo bifite akamaro ku bahabwa inshingano n'izo nyandikompesha. Dufashe nk'urugero rw'urubanza rwamaze gushyirwaho kashempuruza/Inyandikompuruza, aho uwatsinzwe hari ibyo agomba kwishyura

# TURWANYE AKARENGANE

uwamutsinze. Iyo kwishyura bikozwe ku neza, uwatsinzwe yegera umuburanyi we mu gihe cy'iminsi 30 kuva urubanza rubaye itegeko cyangwa hasohotse indi nyandikompesha, akamumenyesha uburyo yifuza gushyira mu bikorwa ibyo icyo cyemezo cy'urukiko cyangwa indi nyandikompesha ibitegeka kugira ngo babyumvikaneho.

Ugomba kwishyura kandi ategetswe kugaragaza umutungo we ushobora kuvanwamo ubwishyu binyuze muri cyamunara igihe atubahirije amasezerano; akanagaragaza urutonde n'uburyo byakurikiranywa mu kubigurisha. Iyo bashoboye kubyumvikanaho, uwatsinzwe aba yirinze ingaruka zo gushyira icyo cyemezo hitabajwe ingufu za Leta. Zimwe muri izo ngaruka ni uko uwatsinzwe ari we wishyura ikiguzi cyo gushyira mu bikorwa ku ngufu icyo inyandikompesha zitegeka. Tugumye ku rugero twari dufashe rwo kurangiza urubanza ku ngufu, niba hari amafaranga y'ubwishyu yategetswe n'Urukiko ariko ntiyishyurwe ku neza, biba ngombwa gufatira umutungo w'uwatsinzwe ugatezwa cyamunara kugira ngo ubwishyu buboneke. Hashingiwe ku biteganywa n'amategeko, iyo bibaye ngombwa guteza cyamunara umutungo w'uwatsinzwe, amafaranga yishyuwe muri cyamunara ntabwo avamo ubwishyu bw'umuburanyi watsinze gusa, hanavanwamo nibura n'amafaranga y'igihembo cy'Umuhesha w'Inkiko wagurishije uwo mutungo muri cyamunara, amafaranga y'amatangazo yanyujijwe mu bitangazamakuru, ndetse n'amafaranga y'igenagaciro ry'uwo mutungo. Ikindi kandi, iyo bibaye ngombwa kugurisha umutungo muri cyamunara, akenshi amafaranga yishyurwa ku mutungo ugurishijwe aba ari makeya ugereranyije n'igiciro uwo mutungo ugurwa iyo nyirawo ari we wishakiye umuguzi bitabaye ngombwa ko uwo mutungo ugurishwa muri cyamunara.

**Umwanditsi:** Ni ryari umuburanyi watsinze ashobora kwiyambaza Umuhesha w'Inkiko kugira ngo amufashe kwishyuza ?

**Umuvunyi Wungirije:** Amategeko ateganya ko Iyo iminsi mirongo itatu (30) twigeze kuvuga ishize nta bwumvikane bubaye hagati y'ababuranyi bombi, uwatsinze yiyambaza Umuhesha w'Inkiko akamusaba kumwishyuriza. Ubwo ibyo kurangiza urubanza ku gahato cyangwa ku ngufu za Leta biba bitangiye. Icyo gihe Umuhesha w'inkiko ahita akora inyandikomvugo y'ifatirabwishyu mu gihe kitarenze iminsi icumi y'akazi (10) igaragaza urutonde, ubwoko n'imiterere y'ibintu by'uwatsinzwe bizagurishwa muri cyamunara, iyo nyandiko mvugo igatangazwa ku rubuga rw'imanza zirangizwa. Umuhesha w'inkiko umaze gukora inyandikomvugo y'ifatirabwishyu, akoresha igenagaciro ry'imitungo yafatiriwe mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) yifashishije impuguke ahawe n'Urugaga rw'abakora umwuga w'igenagaciro, raporo y'igenagaciro akayishyikiriza nyir'umutungo ufatiriwe n'uberewemo umwenda, akagenera kopi Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari umutungo uherereyemo. Iyo raporo y'igenagaciro na yo itangazwa ku rubuga rw'imanza zirangizwa.

**Umwanditsi:** Muri rusange itangazwa rya cyamunara rikorwa gute ?

**Umuvunyi Wungirije:** Mu gihe cy'amasaha mirongo ine n'umunani (48) kuva Umuhesha w'Inkiko yemeje igiciro cy'umutungo ugomba kugurishwa, akora itangazo rya cyamunara rigaragaza umutungo ugomba gutezwa cyamunara, umwirondoro wa nyirawo, umwirondoro w'ugomba kwishyurwa, impamvu ya cyamunara, aho umutungo uherereye, itariki cyamunara izaberaho n'isaha izatangiriraho. Itangazo rya cyamunara rishyirwa ku rubuga rw'imanza zirangizwa, hariho ifoto y'umutungo ugurishwa n'icyemezo gihamya nyir'umutungo. Rigomba kandi gushyikirizwa nyir'umutungo ugurishwa, ugomba kwishyurwa, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari k'aho umutungo uherereye, rikanatangazwa kuri Radio cyangwa Televiziyo n'ikinyamakuru cyandika bikorera mu Rwanda.

Iyo ari umutungo utimukanwa itangazo rya cyamunara rimanikwa ku Biro by'Akagali k'aho uwo mutungo uherereye.

# TURWANYE AKARENGANE

**Umwanditsi:** Uburenganzira bwa nyir'umutungo ugurishwa cyangwa uwatsinze mu bijyanye n'agaciro gahabwa umutungo (expertise) ni ubuhe ?

**Umuvunyi Wungirije:** Nyir'umutungo n'uwatsinze urubanza ugomba kwishyurwa bombi bafite uburenganzira bwo gukoresha « contre expertise » iyo batanyuzwe n'igenagaciro ryakoreshejwe n'Umuhesha w'Inkiko wasabwe kurangiza urubanza. Ingingo ya 252 y'Itegeko No 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi iteganya ko Umuhesha w'inkiko umaze gukora inyandikomvugo y'ifatirabwishyu, akoresha igenagaciro ry'imitungo yafatiriwe mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) yifashishije impuguke ahawe n'Urugaga rw'abakora umwuga w'igenagaciro, raporo y'igenagaciro akayishyikiriza nyir'umutungo ufatiriwe n'uberewemo umwenda, (…) Uwishyuza n'uwishyuzwa bafite uburenganzira bwo kunyomoza igenagaciro ryakozwe bifashishije impuguke bahawe n'Urugaga rw'Abagenagaciro. Iyo habayeho impaka, Umuhesha w'inkiko yemeza igiciro mpuzandengo gishingiye ku gaciro katanzwe n'abagenagaciro bose.

Hashingiwe kuri iyo ngingo, bigaragara ko yaba nyir'umutungo, yaba uwishyuza cyangwa bombi, bafite uburenganzira bwo gukoresha « contre expertise » bifashishije Umugenagaciro bahawe n'Urugaga rw'abakora umwuga w'igenagaciro, noneho Umuhesha w'Inkiko akazemeza agaciro k'umutungo ashingiye ku mpuzandengo (moyenne) ya raporo z'abagenagaciro bombi (iyo utishimiye igenagaciro ari umwe mu babifitiye uburenganzira) cyangwa bose (iyo nyir'umutungo n'uwishyuza bombi batishimiye igenagaciro Umuhesha w'Inkiko yari yakoresheje).

**Umwanditsi:** Ese mu gihe cya cyamunara nyir'umutungo utezwa cyamunara cyangwa uwishyurwa bafite uburenganzira bwo kwanga ibiciro byatanzwe ?

**Umuvunyi Wungirije:** Nyir'umutungo cyangwa uwishyuza bafite uburenganzira bwo kwanga ibiciro byatanzwe bitarenze inshuro ebyiri (2), mu gihe muri ibyo biciro nta na kimwe kigejeje ku gaciro k'ijanisha rya mirongo irindwi na gatanu ku ijana (75%) by'agaciro fatizo kagenwe n'Umuhesha w'Inkiko mbere y'itangazwa rya cyamunara. Ku nshuro ya gatatu (3), umutungo utezwa cyamunara wegukanwa n'uwatanze igiciro kinini kurusha abandi, n'iyo cyaba kiri munsi ya mirongo irindwi na gatanu ku ijana (75%) by'agaciro k'umutungo.

Iyo ku nshuro ya mbere cyangwa iya kabiri, nyir'umutungo cyangwa uwafatiriwe umutungo, uwafatiriye umutungo cyangwa uwishyuza atanze ibiciro byatanzwe nk'uko biteganywa n'itegeko, uburyo bw'ikoranabuhanga bugaragaza ibiciro byatanzwe uko bisumbana kuva ku isumba ibindi ujya ku gito n'amazina y'abapiganwe. Ku nshuro ya gatatu uburyo bw'ikoranabuhanga bugaragaza ibiciro byatanzwe ku nshuro ya mbere, iya kabiri n'iya gatatu, uko bisumbana kuva ku gisumba ibindi ujya ku gito n'amazina y'abapiganwe.

**Umwanditsi:** Kwanga igiciro cyatanzwe muri cyamunara bikorwa gute ?

**Umuvunyi Wungirije:** Nyir'umutungo cyangwa uwafatiriwe umutungo, uwafatiriye umutungo cyangwa uwishyuza, ashobora kwanga igiciro gisumba ibindi cyatanzwe akoresheje uburyo bw'ikoranabuhanga mu gihe kitarenze amasaha makumyabiri n'ane (24) abarwa guhera igihe uburyo bw'ikoranabuhanga bwamumenyeshereje icyo giciro. Mu gihe cy'amasaha makumyabiri n'ane (24) avugwa mu gika cya 2 cy'iyi ngingo, uburyo bw'ikoranabuhanga buba buhagaritse ipiganwa. Iyo nyir'umutungo cyangwa uwafatiriwe umutungo, uwafatiriye umutungo cyangwa uwishyuza banze igiciro gisumba ibindi, umuhesha w'inkiko atangaza mu gihe cy'amasaha makumyabiri n'ane (24) akurikira avugwa mu gika cya 3 cy'iyi ngingo, ko cyamunara ikomeje.

**Umwanditsi:** Mu bisobanuro mwatanze mu mwanya mwavuze ko raporo y'igenagaciro itangazwa ku rubuga rw'imanza zirangizwa none

# TURWANYE AKARENGANE

munavuze ko Itangazo rya cyamunara rishyirwa ku rubuga rw'imanza zirangizwa. Urubuga rw'imanza zirangizwa ni iki ?

**Umuvunyi Wungirije:** Urubuga rw'imanza zirangizwa ni urubuga rwashyizweho rwo kugurisha umutungo muri cyamunara hifashishijwe uburyo bw'ikoranabuhanga kandi buteganywa n'Itegeko no 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi mu ngingo yaryo ya 279, naho uburyo bwo gushyira mu bikorwa cyamunara hifashishijwe ubwo buryo bw'ikoranabuhanga bigateganywa n'Iteka rya Minisitiri n° 05/MOJ/AG/20 ryo ku wa 12/05/2020 ryerekeye irangizwa ry'inyandikompesha hakoreshejwe ikoranabuhanga.

Muri rusange, ubwo buryo bwashyizweho hagamijwe kurengera uburenganzira bwa nyir'umutungo igihe cyo kugurisha umutungo we muri cyamunara mu rwego rwo gukumira abantu bajyaga bitabira cyamunara bagaragara nk'abaguzi ariko mu by'ukuri ataribo ahubwo ari abantu bagamije kwica cyamunara no gutesha agaciro umutungo ugiye kugurishwa. Amategeko yateganyije amafaranga y'ingwate y'ipiganwa ku bifuza kugura umutungo muri cyamunara angana na 5% by'agaciro k'umutungo ugiye gutezwa cyamunara, uwapiganywe watsinzwe akayasubizwa, naho uwatsindiye cyamunara akayaheraho yishyura amafaranga y'igiciro yatsindiyeho muri cyamunara, naho uwo bigaragaye ko yaje muri cyamunara agamije kuyica, amafaranga y'ingwate y'ipiganwa ntabwo ayasubizwa, ashyirwa ahubwo mu Isanduku ya Leta.

**Umwanditsi:** Hari ubwo Umuhesha w'Inkiko afatira umutungo w'umuntu udafite aho ahuriye n'urubanza rurangizwa, nko kuba nyir'umutungo wafatiriwe atarabaye umuburanyi mu rubanza rurangizwa. Icyo gihe nyir'umutungo wafatiriwe abyitwaramo gute ?

**Umuvunyi Wungirije:** Iyo ari uko biteye, nyir'ibintu byafatiriwe byose cyangwa iyo bimwe muri byo ari ibye, ashobora kubuza Umuhesha w'Inkiko wabifatiriye kubigurisha, atanga ikirego cyihutirwa mu Rukiko rw'Ibanze rw'aho ibyafatiriwe biri cyangwa mu Rukiko rw'Ubucuruzi iyo ibifatirwa biri mu rwego rw'ubucuruzi, bikamenyeshwa uwafatiriye n'uwafatiriwe ibintu n'ushinzwe kugurisha ibintu muri cyamunara nibura mbere y'uko igurisha rirangira. Ikirego gikorwa mu buryo bw'umwanzuro ukubiyemo ibimenyetso bigaragaza ko ibyo bintu ari iby'urega koko, maze Urukiko rukabifataho icyemezo (ingingo ya 254 y'itegeko no 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018).

**Umwanditsi:** Uretse Itangazo rya cyamunara ryavuzwe mu kanya n'inyandiko y'igenagaciro, ibindi bishyirwa ku rubuga rw'imanza zirangizwa ni ibihe ?

**Umuvunyi Wungirije:** Ibindi bishyirwa ku rubuga rw'imanza zirangizwa ni ibi bikurikira:

- Imanza zateweho inyandikompuruza n'izindi nyandikompesha;
- Amasezerano y'ubwumvikane yo kurangiza urubanza iyo urubanza rwarangijwe ku neza bitabaye ngombwa gufatira no guteza cyamunara umutungo w'uwatsinzwe;
- Inyandikomvugo y'ifatirabwishyu;
- Raporo isoza cyamunara.

(Ingingo ya 267 y'Itegeko no 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018).

Umuhesha w'Inkiko ashyira ku Rubuga rw'imanza zirangizwa igikorwa cyose cyerekeranye n'irangizwa ry'inyandikompesha bitarenze iminsi ibiri (2) y'akazi ikurikira umunsi yakoreyeho igikorwa. Urubuga rw'Imanza zirangizwa rucungwa na Minisiteri ifite ubutabera mu nshingano zayo (MINIJUST), rukaba rwitwa https://cyamunara.gov.rw.

# TURWANYE AKARENGANE

**Umwanditsi:** Tugana ku musozo w'iki kiganiro, iyo nyir'umutungo abona hari ibirimo gukorwa mu buryo bunyuranyije n'amategeko igihe cyo gufatira umutungo, igihe cyo gutangaza cyamunara n'igihe cya cyamunara ashobora kwiyambaza nde mbere yo kuregera Urukiko ?

**Umuvunyi Wungirije:** Iyo nyir'umutungo abona hari ibirimo gukorwa mu buryo bunyuranyije n'amategeko igihe cyo gufatira umutungo, igihe cyo gutangaza cyamunara n'igihe cya cyamunara ashobora kwiyambaza Ubuyobozi bw'Urugaga rw'Abahesha b'Inkiko b'Umwuga iyo urimo guteza cyamunara ari Umuhesha w'Inkiko w'Umwuga cyangwa umuyobozi ukuriye umuhesha w'inkiko utari uw'umwuga uriho urangiza urubanza.

Nyir'umutungo ashobora kandi kwiyambaza Minisiteri y'Ubutabera (MINIJUST) kuko ari yo ifite mu nshingano zayo igikorwa cyo kurangiza imanza mu gihe ikibazo kitakemuwe n'Inzego zavuzwe haruguru.

**Umwanditsi:** Ikirego gisaba gutesha agaciro cyamunara gitangwa mu Rukiko mu gihe kingana gute ?

**Umuvunyi Wungirije:** Ikirego gisaba gutesha agaciro cyamunara gitangwa mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) uhereye umunsi cyamunara yabereyeho. Guhagarika no gutesha agaciro cyamunara ku mitungo igurishwa hashingiwe ku cyemezo cyo kugurisha ingwate cyatanzwe n'Umwanditsi Mukuru, bisabwa Umwanditsi Mukuru. Umwanditsi Mukuru atanga igisubizo mu gihe kitarenze iminsi itatu (3) y'akazi. Iyo hari utishimiye igisubizo cy'Umwanditsi Mukuru cyangwa udahawe igisubizo mu gihe cy'iminsi itatu (3) y'akazi, abitangira ikirego mu Rukiko rw'Ubucuruzi mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) y'akazi uhereye igihe yamenyeye icyo gisubizo.



Umwanditsi:NZABAMWITA Anaclet



# TURWANYE AKARENGANE

## Umuturage usaba ko urubanza yatsinzwemo rusubirishwamo ku mpamvu z'akarengane agomba kuba yujuje ibiki kugira ngo Urwego rw'Umuvunyi rwakire dosiye ye?

Itegeko N° 54/2021 ryo ku wa 29/08/2021 rigenga Urwego rw'Umuvunyi, mu ngingo yaryo ya 5, riteganya ko Urwego rw'Umuvunyi rufite ububasha bwo gusaba Urukiko rw'Ikirenga gusuzuma no gusubiramo urubanza rwaciwe ku rwego rwa nyuma, mu gihe rusanga harimo akarengane, hakurikijwe ibiteganywa n'amategeko abigenga. Ubwo bubasha akaba atari bwo bwa mbere buhabwa Urwego rw'Umuvunyi kuko bwatangiye kubaho no gushyirwa mu bikorwa kuva hatangazwa Itegeko Ngenga N° 03/2012/OL ryo ku wa 13/06/2012 rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga ryatangajwe mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda n° 28 yo ku wa 09 Nyakanga 2012. Mu ngingo ya 79 y'iryo Tegeko Ngenga, hateganyijwe ko Urwego rw'Umuvunyi ari rwo rufite ububasha bwo kuregera Urukiko rw'Ikirenga ibirego byerekeranye no gusubirishamo ku mpamvu z'akarengane urubanza rwaciwe ku rwego rwa nyuma. Kuva rero hashyirwaho iryo Tegeko Ngenga N° 03/2012/OL ryo ku wa 13/06/2012, Urwego rw'Umuvunyi rwatangiye gahunda yo kwakira no gusesengura ibibazo bisaba gusubirishamo ku mpamvu z'akarengane imanza rwashyikirizwaga n'ababuranyi batishimiye ibyemezo inkiko zafashe mu manza zaciwe kuva Urwego rw'Umuvunyi rutangira kujyaho mu mpera z'Umwaka wa 2003.

Uko imyaka yagiye ishira indi igataha, ni nako hagiye havuka ikibazo cy'ibirarane by'imanza zisabirwa gusubirishwamo ku mpamvu z'akarengane kuko ibyo bibazo byagendaga byiyongera buri mwaka, ubwo bwiyongere bukaba butarajyanaga n'ubushobozi bw'Urwego rw'Umuvunyi kuko ababuranyi bose batishimiye ibyemezo byafashwe mu manza zaciriwe mu Nkiko zose zo mu Rwanda babaga bafite ububasha bwo kugeza ku Urwego rw'Umuvunyi ikibazo bafite cyo kutishimira ibyo byemezo, bakaba bafite kandi uburenganzira bwo kubigenza ku Urwego rw'Umuvunyi igihe cyose bashakiye. Iyo mikorere n'ubwo bubasha bwo gusaba Urukiko rw'Ikirenga gusubirishamo ku mpamvu z'akarengane ibyemezo by'Inkiko bwari bufitwe n'Urwego rw'Umuvunyi gusa bwaje kuvugururwa n'Itegeko N°30/2018 ryo ku wa 02/06/2018 rigena ububasha bw'Inkiko, hagaragazwa noneho impinduka ku byerekeye igihe cyo gusaba ko urubanza rusubirishwamo ku mpamvu z'akarengane no ku byerekeye Inzego zifite ububasha bwo gusaba Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga gusubirishamo ku mpamvu z'akarengane urubanza rwamaze gucibwa ku rwego rwa nyuma.

**Ni izihe Nzego zifite ububasha bwo gusaba Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga gusubirishamo ku mpamvu z'akarengane urubanza rwamaze gucibwa ku rwego rwa nyuma?**

Ububasha bwo gushyikiriza ikibazo cy'akarengane Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga bufitwe mbere na mbere na Perezida w'Urukiko rukuriye urwaciye urubanza ku rwego rwa nyuma. Ni ukuvuga ko, dufashe urugero ku manza zaciwe ku rwego rwa nyuma n'Urukiko rw'Ibanze, umuburanyi utishimiye imikirize y'urubanza rwe afite uburenganzira bwo kwandikira ibaruwa Perezida w'Urukiko Rwisumbuye rukuriye urwaciye urubanza rwe amusaba gusuzuma ku mpamvu z'akarengane uurwo rubanza. Iyo Perezida w'Urukiko Rwisumbuye wandikiwe ibaruwa asanze urubanza yasabwe gusuzuma rurimo akarengane, yandikira Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga amusaba ko urwo rubanza rwongera kuburanishwa, yasanga nta karengane karugaragaramo akandikira umuburanyi ibaruwa imugezaho igisubizo, akamumenyesha ko yasanze nta karengane kari mu rubanza rwe. Iyo urubanza rwaciwe ku rwego rwa nyuma n'Urukiko Rwisumbuye, handikirwa Perezida w'Urukiko Rukuru, rwaba rwaraciwe ku rwego rwa nyuma n'Urukiko Rukuru hakandikirwa

# TURWANYE AKARENGANE

Perezida w'Urukiko rw'Ubujurire, naho umuburanyi wumva yararenganyijwe mu rubanza rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire akandikira Nyakubahwa Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga.

Umuburanyi wamaze kwandikira Perezida w'Urukiko rukuriye urwaciye urubanza ku rwego rwa nyuma agahabwa igisubizo cy'uko Perezida wagejejweho icyo kibazo yasanze nta karengane kagaragara mu rubanza rwe ni we ufite uburenganzira bwo kwandikira Urwego rw'Umuvunyi ku rwego rwa kabiri asaba ko urubanza rwe rwasuzumwa ku mpamvu z'akarengane. Iyo Urwego rw'Umuvunyi rusanze nta karengane kagaragara muri urwo rubanza rutanga igisubizo mu nyandiko rugaragariza uwarugejejeho icyo kibazo ko rwasanze nta karengane kagaragara mu rubanza rwe, Urwego rw'Umuvunyi rwasanga ako karengane kagaragara rukandikira Nyakubahwa Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga ibaruwa rumusaba ko urwo rubanza rwasubirishwamo ku mpamvu z'akarengane. Urubanza rwamaze gusuzumwa ku mpamvu z'akarengane bisabwe n'umuburanyi wumva yararenganyijwe mu rubanza rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire ntabwo rushobora gushyikirizwa Urwego rw'Umuvunyi kuko ruba rwamaze gusesengurwa n'Urukiko rw'Ikirenga.

Urubanza rwaciwe ku rwego rwa nyuma rusabirwa gusubirishwamo ku mpamvu z'akarengane mu gihe kingana gute?

Umuburanyi wumva yararenganyijwe mu rubanza rwaciwe n'Urukiko ku rwego rwa nyuma ushaka ko urubanza rwe rusubirwamo ku mpamvu z'akarengane, abisaba Perezida w'Urukiko rukuriye urwaciye urubanza ku rwego rwa nyuma mu nyandiko ikubiyemo impamvu ashingiraho mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) uhereye ku munsi yamenyesherejwe imikirize y'urwo rubanza. Iyo gusuzuma urubanza ku mpamvu z'akarengane bisabwa Urwego rw'Umuvunyi, icyo gihe kibarwa uhereye ku munsi yamenyesherejweho icyemezo cya Perezida w'Urukiko wasabwe gusuzuma urubanza ku mpamvu z'akarengane ku rwego rwa mbere. Icyakora, iyo ari ugusubirishamo urubanza kubera impamvu y'uko rudashobora kurangizwa kubera imiterere y'icyemezo cy'Urukiko, igihe cyo gusaba ko urubanza rusuzumwa ku mpamvu z'akarengane gishobora gutangira kubarwa guhera igihe byagaragaye ko urwo rubanza rudashobora kurangizwa byemejwe n'inyandiko y'Umuhesha w'Inkiko wasabwe kurangiza urwo rubanza.

**Umuturage Usaba ko Urubanza yatsinzwemo rusubirishwamo ku mpamvu z'akarengane agomba kuba yujuje ibiki kugira ngo Urwego rw'Umuvunyi rwakire dosiye ye?**

Umuturage usaba Urwego rw'Umuvunyi ko urubanza yatsinzwemo rusubirishwamo ku mpamvu z'akarengane agomba kubisaba mu nyandiko ikubiyemo impamvu ashingiraho akarengane ke iherekejwe na kopi z'imanza zose zaburanywe kuri icyo kibazo cye ndetse na raporo yakozwe na Perezida w'Urukiko wasuzumye akarengane ke ku rwego rwa mbere. Iyo bishoboka, uwo muburanyi ageza ku Urwego rw'Umuvunyi ibimenyetso yagaragarije Urukiko byirengagijwe kandi byari kumurenganura iyo bihabwa agaciro, akanagaragaza ibyemezo byafashwe n'inzego yagejejeho ikibazo cye mbere y'uko kigezwa ku Urwego rw'Umuvunyi. Uwo muburanyi ageza kandi ku Urwego rw'Umuvunyi umwirondoro wuzuye w'umuburanyi we na telefoni ashobora guhamagarwaho iyo bishoboka hamwe na email ashobora kwandikirwaho iyo bibaye ngombwa.

Urwego rw'Umuvunyi rurakangurira ababuranyi bose kunyurwa n'ibyemezo inkiko ziba zafashe mu manza baburanye zaciwe ku rwego rwa nyuma iyo bigaragara ko badafite ibimenyetso bifatika byirengagijwe n'inkiko bivuguruza ku buryo budashidikanywaho ibyo izo nkiko zashingiyeho igihe cy'icibwa ry'imanza zabo.

**Umwanditsi:NZABAMWITA Anaclet**



# TURWANYE AKARENGANE

## NYAMAGABE: Urwego rw'Umuvunyi rwasabye gukemurira ibibazo mu muryango kuko birinda abaturage gusiragira



Umuvunyi Mukuru Madamu NIRERE Madeleine ari mu Karere ka Nyamagabe mu bukangurambaga bwo gukumira no kurwanya akarengane na ruswa mu Turere

Kuva kuwa 12 kugeza kuwa 16 Ukuboza 2022, abakozi n'Abayobozi b'Urwego rw'Umuvunyi basuye abaturage b'Akarere ka Nyamagabe mu Ntara y'Amajyepfo muri gahunda yo gukumira no kurwanya akarengane na ruswa mu Turere. Intumwa z'Urwego rw'Umuvunyi zahuriye n'abaturage mu Mirenge batuyemo cyangwa bafitemo ibibazo.

Madamu Nirere Madeleine yatangarije iyi gahunda mu Murenge wa Gasaka ari kumwe n'Ubuyobozi bw'Akarere. Umuvunyi Mukuru yasabye abaturage kudasiragira mu Nkiko bakabanza gukemurira ibibazo mu miryango.
Nyuma y'ibiganiro bahawe, Umuvunyi Mukuru n'Ubuyobozi bw'Akarere ka Nyamagabe bakiriye ibibazo by'abaturage bimwe birakemurwa ibindi bihabwa umurongo w'uburyo bizakemuka. Ibyinshi muri ibyo bibazo byibanze ku manza zitarangijwe, amakimbirane ashingiye ku butaka n'ibindi.

Umuvunyi Mukuru yibukije kandi ko amakimbirane mu miryango ateza akarengane ko bakwiye kuyirinda kandi bakamenya ko gukemurira ibibazo mu muryango birinda abaturage gusiragira.



Abaturage bo mu Karere ka Nyamagabe bageza ku Muvunyi Mukuru ibibazo byabo

# TURWANYE AKARENGANE



Hon. MUKAMA Abbas Umuvunyi Wungirije Ushinzwe gukumira no kurwanya Ruswa ari mu Karere ka Nyamagabe mu bukangurambaga bwo gukumira no kurwanya akarengane na ruswa mu Turere

## UKO GAHUNDA YAGENZE MU MIRENGE

Tariki 12/12/2022, Umuvunyi Mukuru n'Ubuyobozi bw'Akarere bahuriye n'abaturage ku biro by' Umurenge wa Gasaka naho Umuvunyi Wungirije Ushinzwe Gukumira no Kurwanya Ruswa, Hon. MUKAMA Abbas n'irindi tsinda ry'abakozi b'Urwego rw'Umuvunyi n'Akarere ka Nyamagabe bakira banakemura ibibazo by'abaturage bo mu murenge wa Kamegeri.

Tariki 13/12/2022, Umuvunyi Wungirije Ushinzwe Gukumira no Kurwanya Ruswa Hon.Mukama Abbas yifatanyije n'abaturage mu Nteko y'Akagari ka Bwenda mu Murenge wa Kibumbwe aho yibukije abaturage ko bakwiye kujya batanga amakuru aho bahuye n'akarengane na ruswa. Abaturage bamugejejeho ibibazo bihabwa umurongo.

Ku wa Gatatu, tariki 14/12/2022, Umuvunyi Mukuru yifatanyije n'abaturage bo mu murenge wa Tare, naho Umuvunyi Wungirije ushinzwe gukumira no Kurwanya Ruswa Hon. MUKAMA Abbas, abakozi b'Akarere n'Inzego z'Umutekano bakemuye ibibazo by'abaturage mu Murenge wa Musebeya.

Tariki ya 15/12/2022, Umuvunyi Wungirije Ushinzwe Gukumira no Kurwanya Ruswa Hon.Mukama Abbas yifatanyije n'abaturage ba Kitabi muri iyi Gahunda. Bamugejejeho ibibazo byiganje ku mashyamba bavuga ko ari ayabo, Inzego z'ibanze zikagaragaza ko ari aya Leta. Ibibazo byagejejwe ku Muvunyi byahawe umurongo naho ku gicamunsi cyo kuwa Gatanu tariki 15/12/2022, Umuvunyi Wungirije Honorable Mukama Abbas, abakozi b'Urwego rw'Umuvunyi bagiranye Inama n' Ubuyobozi bw'Akarere ka Nyamagabe n'Inzego z'Umutekano babagaragariza ibyavuye mu bukangurambaga Urwego rw'Umuvunyi rwari rumazemo iminsi mu Mirenge igize aka karere.



Umwanditsi:MBARUSHIMANA Jean Paul

# URUHARE RW'UBUFATANYE BW'INZEGO MU GUTANGA SERIVISI INOZE NO KURWANYA RUSWA N'AKARENGANE

**I. INTANGIRIRO**

Gutanga serivisi inoze ni ishingiro ry'Imiyoborere myiza. Ni muri urwo rwego Ubuyobozi bushyirwaho kugira ngo bufashe abaturage gushyira mu bikorwa Gahunda cyangwa Politiki y'Igihugu biturutse ku ntego cyihaye. Leta y'u Rwanda yiyemeje kubahiriza amategeko ariho no kugendera ku mahame y'imiyoborere myiza. Muri icyo cyerekezo Leta y'uRwanda yihaye, hashyizweho Politiki y'Imiyoborere myiza hagamijwe iterambere rirambye. Kugira ngo iyo Politiki igerweho, hashyizweho ingamba zigamije kwegereza abaturage ubuyobozi n'ubushobozi. Inzego zifite uruhare runini mu guha abaturage serivisi bakenera. Hari igihe serivisi zitangwa mu Nzego zishobora kubonekamo ibyuho bya ruswa ndetse bikaba byakurura akarengane. Aho abaturage bakeneye serivisi zitandukanye, bisaba ko Ubuyobozi bubibafashamo kandi serivisi inoze igatangwa mu mucyo, hubahirijwe ibyo amategeko ateganya.

Ubushakashatsi ngarukamwaka ku miyoborere bwakozwe n'Urwego rw'Imiyoborere, RGB, bwerekanye ko imitangire ya serivisi nziza mu Rwanda yateye imbere iva ku manota 78,31% yari ifite mu mwaka wa 2020 igera kuri 81,86% mu mwaka wa 2021. Ibi bishimangira ko serivisi inoze igenda igezwa ku baturage kugira ngo hirindwe serivisi mbi ishobora gutera akarengane na ruswa.

**a. Serivisi inoze ni iki?**

- Ni itanzwe mu gihe cyagenwe, cyubahirije amategeko;
- Ni itanzwe n'ababifitiye ububasha bahabwa n'amategeko;
- Ni irebana n'ibyo umuturage akeneye kandi asaba;
- Ni itanzwe nta kiguzi cyatswe keretse igiteganywa n'amategeko.

**b. Inyungu zo gutanga serivisi inoze:**

- Abayobozi n'abakozi bubahiriza gahunda y'akazi yagenwe bagasohoza neza inshingano zabo;
- Abaturage bakirwa neza ku gihe bakabona umwanya wo gukora ibikorwa bibateza imbere;
- Buri muntu akora icyo ashinzwe akishimira umusaruro;
- Igihugu gitera imbere, kikagira umutekano ushingiye ku bwumvikane hagati y'Abayobozi n'abaturage.

**II. SERIVISI INOZE MU ISURA Y'URWEGO RW'UMUVUNYI**

Urwego rw'Umuvunyi rwahawe inshingano zitandukanye harimo iyo gukumira no kurwanya akarengane na ruswa. Mu gushyira mu bikorwa izo nshingano Urwego rw'Umuvunyi rwibanda cyane cyane ku mitagire ya serivisi kuko iyo idatanzwe neza ariyo ntangiriro y'akarengane na ruswa.

Amategeko atandukanye atorwa, hari uburenganzira agenera abanyarwanda bityo Inzego zishyirwaho zigasabwa kuyubahiriza zishyira mu bikorwa ibyo ayo mategeko ateganya. Iyo umuturage asaba serivisi yemerewe ntayihabwe ku gihe, aba arenganyijwe; iyo hari ibyo asabwe gutanga bidateganywa n'amategeko kugira ngo ayihabwe biba bibyaye icyaha cya Ruswa. Ibi bigaragaza neza ko mu nshingano z'Urwego rw'Umuvunyi harimo guharanira ko abanyarwanda bahabwa serivisi inoze no gukurikirana uko inzego zikumira ruswa nk'uko ingingo ya 3 y'Itegeko n°54/2018 ryo kuwa 13/08/2018 ryerekeye kurwanya ruswa iteganya ko buri rwego rwa Leta, urw'abikorera,

# TURWANYE RUSWA

urwa sosiyete sivili cyangwa umuryango mpuzamahanga ukorera mu Rwanda rugomba: gushyira mu bikorwa ingamba zo gukumira ruswa; gukorera mu mucyo; kugaragariza raporo abo igenewe; kugenzura ko nta bikorwa bya ruswa birurangwamo; kugaragaza ibyakozwe mu rwego rwo gukumira ruswa igihe rubisabwe n'urwego rubifitiye ububasha; kugira inyandiko igaragaza uburyo n'igihe ntarengwa ibyemezo bifatwa; kugira imikoranire myiza n'izindi nzego, hubahirizwa igihe gisabwa mu kugaragaza ibyakozwe cyangwa hatangwa amakuru urundi rwego rwasabye no kudasumbanya, kudatinza no kudasiragiza abarugana.

**A. Bimwe mu bikorwa byerekeye serivisi itanoze bikurura akarengane na ruswa:**

Mu bikorwa bitandukanye mu gihe harimo gutagwa serivisi hashobora kugaragaramo ruswa n'akarengane, bityo rero Inzego zose zikwiye kwirinda ibikorwa bikurikira mu rwego rwo kwirinda gutanga serivisi itanoze:

• Kudakorera mu mucyo no kutagaragariza abaturage ibyo bakorerwa;

• Gusiragiza abasaba serivisi (Genda ejo uzagaruke) bishingiye ku kwitwaza ko umukozi nta mwanya afite cyangwa afite akazi kenshi kugira ngo umuturage yibwirize atange ruswa;

• Kutagaragaza ibisabwa n'igihe serivisi itangirwamo;

• Kutagira gahunda y'akazi cyangwa kutayubahiriza;

• Kutita ku nshingano ;

• Kutaboneka aho umukozi agomba kuba ari bigatuma abaturage bamushakisha;

• Kurangiza nabi imanza cyangwa kutazirangiza;

• Kuba umukozi adasobanukiwe n'inshingano ze;

• Gushyiraho inzira ndende no gusaba ibyangombwa bitari ngombwa hagamijwe gushyira amananiza ku basaba serivisi;

• Gusumbanya abasaba serivisi bishingiye kuri ruswa, icyenewabo cyangwa ikimenyane,

• Ikimenyane, icyenewabo, urwango cyangwa ivangura no gusaba cyangwa kwakira indonke mu mitangire ya serivisi kugira ngo agire icyo akora kinyuranyije n'amategeko cyangwa adakora ikiri mu nshingano ze.

**B. Ingaruka z'akarengane na ruswa bikomoka ku mitangire ya serivisi itanoze**

Muri rusange zimwe mu ngaruka za ruswa n'akarenagne zikomoka ku mitangire ya serivisi itanoze n'izi zikurikira:

• Ubuyobozi butakaza icyubahiro n'icyizere mu baturage;

• Umutekano rusange w'abantu n'ibintu urahungabana;

• Leta igendera ku mategeko irasenyuka;

• Gukira vuba biciye mu nzira zidahwitse bisenya ubupfura n'imico myiza;

• Intego za Leta ntizigerwaho;

• Gutagaguza umutungo mwinshi ku mirimo ya Leta kandi igakorwa nabi;

• Kutagira ibikorwaremezo birambye;

• Gufata ibyemezo bidafite ireme;

• Kutizerwa n'amahanga bigatuma ishoramari mu gihugu ridindira;

• Kudakoresha ubushishozi;

• Uburenganzira bw'abaturage ntibuhabwa agaciro;

• Kubuza abantu amahirwe yo gukora ibyo bashoboye kandi bashaka;

• Guhungabanya ibidukikije no kwikubira umutungo w'abaturage bose;

# TURWANYE RUSWA

- Gukenesha abaturage kuko batagenerwa iby'ibanze bakeneye;
- Akarengane kimika ruswa na ruswa igakurura akarengane;
- Gushyira Igihugu mu myenda no kudindiza iterambere.

### III. UBUFATANYE BW'INZEGO MU GUTANGA SERIVISI INOZE NO KURWANYA AKARENGANE NA RUSWA

Mu gushyira mu bikorwa inshingano yo gukumira no kurwanya akarengane na ruswa, Urwego rw'Umuvunyi rufatanya n'izindi Nzego kugira ngo uruhare rwa buri rwego mu byo rukora rugaragare kandi ingamba zifashwe zo gukumira no kurwanya akarengane na ruswa ntizibe iz'Urwego rw'Umuvunyi gusa ahubwo zibe iz'Igihugu.

Mu rwego rwo guhuza amakuru no guhuriza hamwe imbaraga mu Nzego zose zifite aho zihurira no gukumira no kurwanya akarengane na ruswa hashyizweho Inama Ngishwanama yo Gukumira no Kurwanya akarengane na ruswa ku nzego zitandukanye kuva ku Rwego rw'Igihugu kugera ku rwego rw'Akagari mu Gihugu hose. Iyo Nama Ngishwanama yo kurwanya ruswa n'Akarengane ifite inshingano yo gukumira no kurwanya akarengane na ruswa kandi igatanga raporo buri gihembwe igaragaza ibikorwa byakozwe n'ingamba zashyizweho mu rwego rwo gukumira no kurwanya akarengane na ruswa.

Ubufatanye bw'Inzego zigize Inama Ngishwanama kuri buri rwego butanga umusaruro ku buryo bugaragara kuko ari ho hafatirwa ingamba zitandukanye zo Gukumira no kurwanya akarengane na ruswa. Ibi kandi ni nabyo bigira ingaruka nziza ku mitangire ya serivisi n'ubwo urugamba rwo kunoza ibitagenda neza ruhoraho;

Inzego zose zikwiye kumva kimwe inshingano zifite zo kwakira neza abazigana by'umwihariko zibaha serivisi inoze kandi itangiwe ku gihe. Amwe mu mahame y'ingenzi yakwifashishwa n'izo nzego mu gutanga serivisi nziza hakumirwa akarengane na ruswa ni aya akurikira:

- Kwita ku byifuzo by'abaturage bifasha mu kugena ibyemezo kuri serivisi bahabwa kandi bigashimangira ubufatanye hagati yabo n'abatanga serivisi;
- Gutunganya imitangire ya serivisi bifasha abaturage kumenya ibyo basabwa, bakabasha kugaragaza ko serivisi zatanzwe neza cyangwa nabi, bigakosorwa;
- Gufata neza abaturage, bagahabwa icyubahiro n'agaciro bakwiye, bakakirwa mu kinyabupfura;
- Guhabwa amakuru yuzuye kuri serisi zitangwa, agashyirwa ahagaragara kandi mu rurimi rwumvikana;
- Gukorera mu mucyo, abaturage bakamenya uko Inzego zikora n'uko zikorana, n'ushinzwe gutanga serivisi iyi n'iyi.

### IV. UMWANZURO

Ubufatanye bw'Inzego ni ingenzi mu gukumira no kurwanya akarengane na ruswa. Bityo rero buri wese akwiye gushyira imbaraga muri uru rugamba hashingiwe by'umwihariko ku nshingano za buri rwego. Na none kandi hakwiye kubaho guhuza imbaraga bityo abanyabyaha bakabura aho bahungira.  Akarengane na ruswa bidindiza umuntu ku giti cye n'Igihugu muri rusange. Serivisi abaturage bahabwa ni uburenganzira bwabo, akaba ari inshingano y'ababishinzwe kubaha serivisi nziza. Gutanga serivisi zinoze ni inkingi ya Politiki y'Imiyoborere myiza n'iterambere rirambye; Kurwanya akarengane na ruswa mu mitangire ya serivisi ni inshingano ya buri wese, bihereye mu Nzego z'Ibanze zegereye abaturage kugeza mu Nzego Nkuru z'Igihugu.

Umwanditsi:UMUNYANA Charity



# U Rwanda rwizihije Umunsi Mpuzamahanga wahariwe kurwanya ruswa mu mwaka wa 2022




**Abitabiriye urugendo rutangiza kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga Wahariwe kurwanya Ruswa wizihirijwe mu Karere ka Rwamagana tariki ya 9 Ukuboza 2022**

Kuri uyu Wagatanu tariki ya 9/12/2022, U Rwanda rwifatanyije n'Ibihugu byinshi ku Isi mu kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga wahariwe kurwanya ruswa. Insanganyamatsiko y'uyu mwaka iragira iti "Twimakaze Indangagaciro zo kurwanya ruswa, inkingi y'Iterambere rirambye".

Ibirori byo kwizihiza umunsi Mpuzamahanga wo kurwanya ruswa ku rwego rw'Igihugu byizihirijwe mu Ntara y'Iburasirazuba mu Karere ka Rwamagana aho byabimburiwe n'urugendo rwo kwamagana ruswa rwitabiriwe n'Abayobozi n'abaturage bo muri ako Karere



**Amb. Solina Nyirahabimana (Ibumoso) Umunyamabanga wa Leta/ MINIJUST ari kumwe n'Umuvunyi Mukuru Madamu Nirere Madeleine (Iburyo) mu muhango wo kwizihiza umunsi Mpuzamahanga wo kurwanya ruswa**



**Umuhanzi Eric Senderi asusurutsa abaturage bari bitabiriye ibirori byo kwizihiza umunsi Mpuzamahanga wo kurwanya ruswa tariki ya 9 Ukuboza 2022**

# TURWANYE RUSWA




Gasana K. Emmanuel Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba ageza ijambo ku bitabiriye umuhango wo kwizihiza umunsi Mpuzamahanga wo kurwanya ruswa wabereye mu Karere ka Rwamagana tariki ya 9 Ukuboza 2022

Mu kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga wahariwe kurwanya ruswa, Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba Gasana K. Emmanuel yashimiye Urwego rw'Umuvunyi ko uyu munsi wizihirijwe muri iyi Ntara. Yagaragaje ko Intara y'Iburasirazuba yakoze byinshi mu kurwanya ruswa




Umuvunyi Mukuru Madamu Nirere Madeleine ageza ijambo ku bitabiriye umuhango wo kwizihiza umunsi Mpuzamahanga wo kurwanya ruswa wabereye mu Karere ka Rwamagana tariki ya 9 Ukuboza 2022

# TURWANYE RUSWA

Yagize ati " hari ingamba zashyizweho mu kurwanya ruswa haba ubukangurambaga bw'umudugudu utarangwamo icyaha, hagunda ya Shyashyanira Umuturage,ubukangurambaga bwo kurwanya ruswa,abayobozi n'abaturage bibukijwe inshingano duhuriyeho yo kurwanya ruswa no gutanga amakuru".

Mu ijambo rye kuri uyu munsi Mpuzamahanga wo kurwanya ruswa, Umuvunyi Mukuru

Madamu Nirere Madeleine yashimiye abafatanyabikorwa uruhare bagira mu kugaragaza ahari serivisi zitagenda neza na ruswa; yibutsa ko hari ahakiri ibyuho bya ruswa bityo ko hakenewe ubufatanye bw'Inzego.

Yanashimiye kandi ubuyobozi bw'Intara n'Uturere umuhate n'ingamba nyinshi zashyizweho mu kurwanya ruswa. Yashimiye n'Amashyirahamwe y'Urubyiruko yo kurwanya ruswa akorera mu turere dutandukanye ku ruhare bagira mu bukangurambaga bwo kurwanya ruswa.

Umuvunyi Mukuru yibukije abitabiriye uyu muhango ko u Rwanda rufite icyerekezo kizima cyo kurwanya ruswa.




**Amb. Solina Nyirahabimana Umunyamabanga wa leta muri MINIJUST akaba n'umushyitsi mukuru muri ibi birori ageza ijambo ku bitabiriye umuhango wo kwizihiza umunsi Mpuzamahanga wo kurwanya ruswa wabereye mu Karere ka Rwamagana tariki ya 9 Ukuboza 2022**

Yagize ati " u Rwanda rwashyizeho ingamba zitandukanye zigamije gukumira no kurwanya ruswa kuburyo muri 2024, ikigero cyo kurwanya ruswa kizava kuri 86,56% (RGS 2016) kikagera kuri 92,56% muri 2024".

Hon. Nyirahabimana Solina, Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Ubutabera akaba n'umushyitsi mukuru muri uyu muhango, yavuze ko Leta yashyizeho ingamba zo kurwanya ruswa.

Yagize ati " Mu rwego rw'igihugu cyacu, muzi ko Leta yashyizeho ingamba zitandukanye zo kurwanya ruswa zirimo politiki yo kurwanya ruswa, amategeko, n'inzego zinyuranye zishinzwe kurwanya ruswa n'akarengane. Izi ngamba n'ibikorwa bitandukanye byagiye bitanga umusaruro nk'uko ibipimo bigenda bibigaragaza".

Umunyamabanga wa Leta kandi yasabye abaturage ko kubera Ruswa ari umwanzi w'Igihugu n'uw'iterambere. bagomba kuyifata gutyo kandi bakayirwanya nk'umwanzi.

**Umwanditsi:MBARUSHIMANA Jean Paul**



# TURWANYE RUSWA

## INGAMBA ZASHYIZWEHO NA LETA Y'U RWANDA MU RWEGO RWO GUKUMIRA NO KURWANYA RUSWA NO KUGARUZA UMUTUNGO

Kurwanya ruswa no kugaruza umutungo uyikomokaho bisaba ingamba zihariye kuko abaryi ba ruswa nabo ubwabo baba bakoresha amayeri adasanzwe. Kurwanya ruswa ntibikwiye kugarukira ku guhana gusa abo yagaragayeho ahubwo n'umutungo uba wayikomotseho ugomba gushakishwa ukagaruzwa ugakoreshwa iby'inyungu rusange.

Kurwanya ruswa mu Rwanda bishingiye ku bushake bwa politiki bugaragarira mu byerekezo bikurikira:

1. Icyerekezo 2050 giteganya ko u Rwanda ruzaba ari Igihigu cya mbere ku isi mu kurwanya ruswa;

2. Gahunda ya Guverinoma ya 2017-2024 (NST1) iteganya ko muri 2024, u Rwanda ruzagaruza umutungo ukomoka ku byaha ukazava kuri 44.3% (2017) ukagera kuri 90% muri 2024 hifashishijwe abahesha b'Inkiko b'umwuga n'abandi. Ikigero cyo kurwanya ruswa kizava kuri 86.56% (RGS 2016) kigere kuri 92.56% muri 2024;

3. Sustainable Development Goals (SDGs) 2030, intego ya 16 igika cya 5 iteganya ko Isi izagabanya mu buryo bugaragara ruswa.

**Zimwe mu ngamba zashyizweho na Leta y'u Rwanda ni izikurikira:**

1. Hashyizweho amategeko atandukanye agamije gukumira no kurwanya ruswa. Amwe muri yo ni aya akurikira:

***a) Itegeko N °54/2018 ryo kuwa 13/08/2018 ryerekeye kurwanya ruswa***

• ibihano byarakomejwe byavuye ku gihano cy'igifungo ku myaka 2-5 kugera ku myaka 5-7 kandi hari n'aho igera ku myaka 12 (abacamanza n'abakemurampaka ) ;

• gutanga amakuru biroroshywa (ingingo ya 19 iteganya ko umuntu watanze cyangwa wakiriye indonke mu rwego rwo gufasha ubutabera kubona ibimenyetso ku cyaha cya ruswa ntafatwa nk'uwakoze icyaha iyo yabimenyesheje inzego z'ubutabera mbere y'uko icyo cyaha gikorwa. Nta buryozwacyaha bubaho ku muntu watanze cyangwa wakiriye indonke, ubimenyesha inzego z'ubutabera mbere y'uko ikurikiranwa ry'icyaha ritangira, atanga amakuru cyangwa agaragaza ibimenyetso.

• ruswa ihindurwa icyaha kidasaza (ingingo ya 21);

• Inzego n'Ibigo bya Leta, Abikorera n'Imiryango itari iya Leta bisabwa gushyiraho ingamba zo Gukumira no Kurwanya ruswa no kubitangira raporo ku Rwego rw'Umuvunyi (ingingo ya 3);

***b) Itegeko N° 44bis/2017 ryo ku wa 06/09/2017 rirengera abatanga amakuru ku byaha ku bikorwa cyangwa imyitwarire binyuranyije n'amategeko:***

• Amakuru, amakuru yose yakirwa mu ibanga kandi agashyirwa mu nyandiko hakoreshejwe inomero y'ibanga. Iyo nomero y'ibanga igomba guhura n'iy'uwatanze amakuru, hakurikijwe urutonde rw'abatanga amakuru. Urutonde rw'abatanga amakuru narwo rwandikwa mu buryo bw'ibanga, rukaba rushobora gusomwa gusa n'uwakira amakuru n'umuyobozi w'urwego cyangwa undi mukozi wabiherewe ububasha;

• Urutonde rw'abatanga amakuru narwo rwandikwa mu buryo bw'ibanga, rukaba rushobora gusomwa gusa n'uwakira amakuru n'umuyobozi w'urwego cyangwa undi mukozi wabiherewe ububasha;

• Uwatanze amakuru kuri ruswa arindwa ihohoterwa iryariryo ryose. Bifatwa nk'ihohoterwa iyo habayeho kwirukanwa ku kazi, guhagarikwa ku

# TURWANYE RUSWA

kazi, kwangirwa cyangwa gukererezwa kuzamurwa mu ntera, gukurwa ku mwanya yakoragaho agashyirwa ku wundi uri munsi yawo, kwimwa akazi cyangwa kwamburwa inshingano zigahabwa abandi, gukorerwa nabi isuzumabushobozi, gukorerwa ivangura, gukorerwa itotezwa iryo ari ryo ryose, gufatirwa ikindi gihano cyose cyo mu rwego rw'akazi, gushyirwaho ibikangisho, guhozwa ku nkeke bikozwe n'umukoresha we cyangwa umukozi mugenzi we.

• Bifatwa kandi nk'ihohoterwa iyo utanze amakuru utari umukozi akorewe ivangura, atewe ubwoba n'umuntu cyangwa urwego rurebwa n'amakuru yatanzwe, cyangwa akimwa serivisi yari afiteho uburenganzira. Mu rwego rwo gukumira ihohoterwa rivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, nta muyobozi wemerewe gukurikirana cyangwa guhana umukozi watanze amakuru ayo ariyo yose, keretse mu gihe inzego zibifitiye ububasha zerekanye ko amakuru yatanzwe mu buryo bunyuranyije n'amategeko.

2. Hashyizweho inzego zitandukanye zishinzwe gukumira no kurwanya ruswa n'Inama Ngishwanama yo kurwanya akarengane na ruswa

**Hashyizwe mu bikorwa:**

3. Politiki y'Igihugu yo kurwanya ruswa yashyizeho ingamba zitandukanye:

• Ukutihanganira ruswa: hakorwa ibiganiro byinshi bigamije kwigisha abaturage no gusuzuma uko ruswa imeze mu Rwanda n'ingamba zikenewe mu kuyirwanya:

• Mu mwaka wa 2020-2021, abahamwe na ruswa ni 286, abagore ni 37 mugihe abagabo ari 249;

• Iyo tugereranyije abahamwe na ruswa mu gihe cy"imyaka 3, bigaragara ko bagenda biyongera kuko muri 2018-2019bari 210, muri 2019-2020 baba 236 mu gihe 2020-2021 ari 286. • Kongera ubumenyi bw'abaturage ku kwanga ruswa no kuyikumira :

• higishwa kandi hatangwa amahugurwa ku byiciro bitandukanye by'abaturage mu kurwanya ruswa ;

• hakorwa ubukangurambaga ku byiciro bitandukanye by'abaturage mu kurwanya ruswa;

• hakozwe inyigisho mu masomo ahabwa abana mu mashuri abanza n'ayisumbuye;

• hashyizweho amashyirahamwe y'urubyiruko yo kurwanya ruswa. Amashyirahamwe akora nk'uko bikwiye ni 14. Urwego rw'Umuvunyi rurimo rushyira imbaraga mugufasha ko n'andi akora neza kandi hagashyirwaho andi menshi;

• Icyumweru cyahariwe kurwanya ruswa no kwizihiza umunsi mpuzamshanga wo kurwanya ruswa. Iki cyumweru gitegurwa buri mwaka kigamije gushimangira inshingano n'uruhare rw'inzego n'abafatanyabikorwa kimwe n'abaturage mu kurandura ruswa aho igaragarira hose. Uyu mwaka, insanganayamatsiko ni "kurandura ruswa, inkingi y'iterambere rirambye". Bimwe mu bikorwa by'uyu mwaka ni:

• Inama nyunguranabitekerezo ku ngamba zo kurwanya ruswa muri serivisi y'imyubakire

• Inama nyunguranabitekerezo ku ngamba zo kurwanya ruswa mu mitangire y'amasoko ya Leta n'imyishyurire mu Bigo n'Inzego bya Leta;

• Umunsi w'urubyiruko wo kurwanya ruswa;

• Ubukangurambaga bwakorewe mu Ntara ku Inama Ngsihwanama yo kurwanya ruswa n'Akarerengane ku rwego rw'Akarere.

• Inama Ngishwanama guhera ku Rwego rw'Igihugu kugera ku Rwego rw'Umurenge zishinzwe gukumira no kurwanya akarengane na ruswa. Izi Nama Ngishwanama zigamije gushyiraho ingmaba zo kurwanya ruswa n'Akarengane ku rwego rw'Igihugu, Akarere n'Umurenge. Izi nama Ngiswanama zitanganga Umusaruro ariko ku rwego rw'Akarere n'Umurenge haracyarimo intege nke mu mikorere.

# TURWANYE RUSWA

• Hashyizweho Komite zo Kurwanya ruswa mu nzego za Leta, Izabikorera, Sosiyete Civile n'Imiryango itari iya Leta zigamije gufashya gushyiraho ingamba zo kurwanya ruswa muri izo nzego kandi zikagaragaza ibyuho bya ruswa;

• Ikoreshwa ry'ikoranabuhanga mu mitangire ya serivise mu nzego zitandukanye (Irembo, E-procurement, E-recruitment, E-payment, E-services, E-construction permit, e-procurement, E-company registration, IECMS mu nkiko no mu bugenzacyaha, www.cyamunara.gov.rw/auction/) ibi bifasha mu kugabanya ibyuho bya ruswa;

• Hagarujwe Umutungo ukomoka ku cyaha cya ruswa:

• Muri raporo y'ibikorwa by'Urwego rw'Umuvunyi ya 2020-2021 igaragaza ko abahamwe na ruswa muri uwo mwaka ari 286 kandi bategetswe kwishyura ihazabu y'amafaranga 1.238.114.754frw n'amadorali 432.697,23USD;

• Kuva mu mwaka wa 2014 kugera muri Kamena 2021, hamaze kugaruzwa umutungo ungana na 6,062,387,129Frw, 3,729 Euros na 14,743$ n'imitungo ifite agaciro ka 100,994,000Frw;

• Muri 2020-2021, hagarujwe umutungo ungana na 1.659.097.164frw.



# TURWANYE RUSWA

### B. UKO U RWANDA RUHAGAZE MU KURWANYA RUSWA KU RWEGO MPUZAMAHANGA

| Umwaka | World Bank/ GI_ Control of corruption | Transparency International_ CPI | | |
|---|---|---|---|---|
| | Score | Score | Rank/ World | Rank Africa |
| 2015 | 73.08% | 54% | 44th | 4Th |
| 2016 | 72.60% | 54% | 50th | 4th |
| 2017 | 71.63% | 55% | 48th | 4th |
| 2018 | 71.15% | 56% | 48th | 4th |
| 2019 | | 53% | 51st | 4th |
| 2020 | | 54% | 49th | 4 |

Ku rwego rw'Afurika, u Rwanda ruri ku mwanya wa 4 nyuma ya Seychelles, Botswana na Cabo Verde rukaba urwa mbere muri Afurika y'uburasirazuba.

Ibi bikaba byafatwa nk'imwe mu ngaruka nziza z'ingamba zafashwe n'Ubuyobozi, ariko ku rundi ruhande ubu bushakashatsi bukagaragaza ko Urwego rw'Ubutabera n'urw'Ubukungu bikiri ku rugero rudashimishije mu gihe hakigaragara ibyaha bya ruswa byibasira cyane ubukungu n'Iterambere by'Igihugu. Abaturage bakaba batarishimira neza Ubutabera, ngo ababa bakoze ibyaha bakurikiranwe, bibahame, babihanirwe kandi umutungo baba basahuye usubizwe mu maboko ya Leta. Ibi bigaragaza ko inzira ikiri ndende ngo tugere ku kigero cyo kuvuga ko twaranduye ruswa.

Ubu bushakashatsi bushimangira ko n'ubwo u Rwanda ruri ku rwego rwiza mu kurwanya ruswa, hari ibigo na serivisi bikigaragaramo ruswa iri hejuru nko mu rwego rw'abikorera, Ishami rya Polisi y'u Rwanda rishinzwe Umutekano wo mu Muhanda (Traffic Police), REG, inzego z'ubutabera, Ubugenzacyaha na zimwe muri serivisi za Leta zirimo nko gutanga ibyangombwa by'ubwubatsi, amasoko ya Leta, gahunda zo gufasha abakene n'ahandi.

4. IMBOGAMIZI MU GUKUMIRA NO KURWANYA RUSWA

1. Abatanga amakuru kuri ruswa baracyari bake: ubushakastsi bwakozwe n'Urwego rw'Umuvunyi (baseline study on status of corruption in Rwanda) bwerekanye ikigereranyo cy'abadatanga amakuru kuri ruswa ku buryo bukurikira.

### IKIGERERANYO CYO GUTANGA AMAKURU KURI RUSWA

| | Citizens | | CSOs | | Private | | Public | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | Count | % | Count | % | Count | % | Count | % |
| Yes | 20 | 9.6 | 1 | 12.5 | 0 | 0.0 | 13 | 81.3 |
| No | 189 | 90.4 | 7 | 87.5 | 16 | 100.0 | 3 | 18.8 |
| Total | 209 | 100 | 8 | 100 | 16 | 100.0 | 16 | 100 |

Umwanditsi: BIRASA Jacques Fiscal



# TUMENYE IBIHANO BITEGANYWA N'ITEGEKO N° 55/2021 RYO KU WA 29/08/2021 RIGENGA IMENYEKANISHAMUTUNGO

## KUDATANGA IMENYEKANISHAMUTUNGO

Iyo ukora imenyekanishamutungo adatanze imenyekanishamutungo, Urwego rw'Umuvunyi cyangwa Biro ya Sena ku bireba abakozi b'Urwego rw'Umuvunyi bimusaba gutanga imenyekanishamutungo mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7) uhereye ku munsi ya bimenyesherejweho, nk'uko biteganywa n'ingingo ya 11 y'itegeko N°55/2012 ryo ku wa 29/08/2021 rigenga imenyekanishamutungo.

### → Gutanga imenyekanishamutungo rituzuye cyangwa ritari ryo bikozwe n'umuntu

Ingingo ya 15 y'itegeko N°55/2012 ryo ku wa 29/08/2021 rigenga imenyekanishamutungo iteganya ko iyo umuntu ukora imenyekanishamutungo asabwe gusubiramo imenyekanishamutungo akongera gutanga imenyekanishamutungo rituzuye cyangwa ritari ryo, aba akoze ikosa ryo mu rwego rw'akazi. Bitabangamiye ibiteganywa n'andi mategeko, iyo umuntu ukora imenyekanishamutungo akoze iryo kosa, Urwego rw'Umuvunyi cyangwa Biro ya Sena ku bireba abakozi b'Urwego rw'Umuvunyi, bisaba umuyobozi w'urwego rwa Leta uwatanze imenyekanishamutungo rituzuye cyangwa ritari ryo akoreramo cyangwa umuyobozi w'urwego rubifitiye ububasha kumuhanisha igihano cyo Guhagarikwa ku kazi mu gihe kingana n'ukwezi kumwe (1) kudahemberwa kandi akibutswa gutanga imenyekanishamutungo ryuzuye cyangwa nyaryo mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7) uhereye ku munsi ukora imenyekanishamutungo yamenyesherejweho icyo gihano.

Iyo ukora imenyekanishamutungo atubahirije ibiteganywa n'iyi ngingo, Urwego rw'Umuvunyi cyangwa Biro ya Sena ku bireba abakozi b'Urwego rw'Umuvunyi bisaba umuyobozi w'urwego rubifitiye ububasha kumuhanisha igihano cyo guhagarikwa ku kazi mu gihe kingana n'amezi abiri (2) adahemberwa. Iyo ukora imenyekanishamutungo wahanishijwe igihano cyo guhagarikwa ku kazi mu gihe kingana n'amezi abiri (2) adahemberwa adashoboye gukora imenyekanishamutungo rye nyuma yo guhanwa, Urwego rw'Umuvunyi cyangwa Biro ya Sena bisaba urwego rufite ubugenzacyaha mu nshingano gukora iperereza rigamije kumenya impamvu uwo muntu atubahiriza inshingano yo kumenyekanisha umutungo we.

### → Gutanga imenyekanishamutungo rituzuye cyangwa ritari ryo bikozwe n'Umutwe wa Politiki

Ingingo ya 16 y'itegeko N°55/2012 ryo ku wa 29/08/2021 rigenga imenyekanishamutungo iteganya ko iyo Umutwe wa Politiki usabwe gusubiramo imenyekanishamutungo, ukongera gutanga imenyekanishamutungo rituzuye cyangwa ritari ryo, uba ukoze ikosa ryo mu rwego rw'ubutegetsi. Iyo Umutwe wa Politiki ukoze iryo kosa, Urwego rw'Umuvunyi ruwuhanisha igihano cyo kwihanangirizwa ku mugaragaro kandi ukibutswa gutanga imenyekanishamutungo ryuzuye cyangwa nyaryo mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7) uhereye ku munsi wamenyesherejweho icyo gihano.

Iyo Umutwe wa Politiki utubahirije ibiteganywa n'ingingo ya 16, Urwego rw'Umuvunyi ruwuhanisha igihano cyo kugawa mu nyandiko kandi ukibutswa gutanga imenyekanishamutungo ryuzuye cyangwa nyaryo mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7) uhereye ku munsi wamenyesherejweho icyo gihano. Urwego rw'Umuvunyi rumenyesha Perezida wa Sena, Perezida w'Umutwe w'Abadepite, Urwego rushinzwe iyandikwa ry'Imitwe ya Politiki n'Ihuriro

# IMIYOBORERE MYIZA

ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki iyo umutwe wa politiki uri muri iryo Huriro, ibihano bivugwa mu ngingo ya 16.

**→ Kudatanga imenyekanishamutungo bikozwe n'umuntu**

Ingingo ya 17 y'itegeko N°55/2012 ryo ku wa 29/08/2021 rigenga imenyekanishamutungo iteganya ko umuntu udatanze imenyekanishamutungo agasabwa kuritanga mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7) uhereye ku munsi yabimenyesherejweho ntabikore, aba akoze ikosa ryo mu rwego rw'akazi. Bitabangamiye ibiteganywa n'andi mategeko, iyo umuntu akoze iryo kosa, Urwego rw'Umuvunyi cyangwa Biro ya Sena ku bireba abakozi b'Urwego rw'Umuvunyi bisaba umuyobozi w'urwego rwa Leta utaratanze imenyekanishamutungo akoreramo kumuhanisha igihano cyo guhagarikwa ku kazi mu gihe kingana n'ukwezi kumwe (1) kudahemberwa kandi akibutswa gutanga imenyekanishamutungo mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7) uhereye ku munsi yamenyesherejweho igihano. Iyo ukora imenyekanishamutungo atubahirije ibiteganywa n'iyi ngingo, Urwego rw'Umuvunyi cyangwa Biro ya Sena ku bireba abakozi b'Urwego rw'Umuvunyi bisaba urwego rubifitiye ububasha kumuhanisha igihano cyo guhagarikwa ku kazi mu gihe kingana n'amezi atatu (3) adahemberwa.

Iyo uwahanishijwe igihano cyo guhagarikwa ku kazi mu gihe kingana n'amezi atatu (3) adahemberwa adashoboye gukora imenyekanishamutungo rye nyuma yo guhanwa, Urwego rw'Umuvunyi cyangwa Biro ya Sena ku bireba abakozi b'Urwego rw'Umuvunyi bisaba Urwego rufite Ubugenzacyaha mu nshingano gukora iperereza rigamije kumenya impamvu uwo muntu atubahiriza inshingano zo kumenyekanisha umutungo we.

**→ Kudatanga imenyekanishamutungo bikozwe n'Umutwe wa Politiki**

Ingingo ya 18 y'itegeko N°55/2012 ryo ku wa 29/08/2021 rigenga imenyekanishamutungo iteganya ko Umutwe wa Politiki udatanze imenyekanishamutungo, uba ukoze ikosa ryo mu rwego rw'ubutegetsi. Iyo umutwe wa politiki ukoze iryo kosa ku nshuro ya mbere, Urwego rw'Umuvunyi ruwuhanisha igihano cyo kwihanangirizwa ku mugaragaro kandi ukibutswa gutanga imenyekanishamutungo mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) uhereye ku munsi wamenyesherejweho igihano. Icyo gihano kimenyeshwa Perezida wa Sena, Perezida w'Umutwe w'Abadepite, Urwego rushinzwe iyandikwa ry'Imitwe ya Politiki n'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki, iyo umutwe wa politiki uri muri iryo Huriro.

Iyo Umutwe wa Politiki utubahirije ibiteganywa n'ingingo ya 18, Urwego rw'Umuvunyi rusaba umuyobozi w'Urwego rushinzwe iyandikwa ry'Imitwe ya Politiki Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere (Rwanda Governance Board: RGB) kuwuhanisha igihano cyo guhagarikirwa inkunga ya Leta ihabwa uwo Mutwe wa Politiki kugeza igihe uzatangira imenyekanishamutungo usabwa.

Iyo Umutwe wa Politiki ukoze ikosa ryo kudatanga imenyekanishamutungo nyuma yo guhagarikirwa inkunga ya Leta, Urwego rw'Umuvunyi rusaba umuyobozi w'Urwego rushinzwe iyandikwa ry'Imitwe ya Politiki, kuwuhanisha igihano cyo guhagarikwa mu gihe kingana n'umwaka umwe (1).

Ibihano byo Guhagarikirwa inkunga no Guhagarikwa mu gihe cy'umwaka umwe bifatiwe Umutwe wa Politiki bimenyeshwa Perezida wa Sena, Perezida w'Umutwe w'Abadepite, Urwego rw'Umuvunyi n'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki iyo umutwe wa politiki uri muri iryo Huriro.

Umwanditsi:RUBAYIZA Ines



# INYIGISHO ZIHABWA ABAYOBOZI KU RUHARE RW'UBUNYANGAMUGAYO N'INDANGAGACIRO MU GUKUMIRA NO KURWANYA RUSWA N'AKARENGANE

Urwego rw'Umuvunyi buri mwaka rutegura ibiganiro bitandukanye bigenda bihabwa Abayobozi mu Nzego za Leta na bimwe mu byiciro bitandukanye by'Abaturarwanda.

Inyigisho n'ibiganiro bitangwa mu bukangurambaga biba bigamije kumenyekanisha no guteza imbere Indangagaciro Remezo zikwiye kuranga Abayobozi nk'inkingi ya mwamba ifasha kubaka no gushimangira mu Banyarwanda ubuyobozi bwiza bufasha Abaturage kugira imitekerereze, imyifatire, imyitwarire n'imigirire ibaganisha ku iterambere rirambye, Indangagaciro kandi n'ubunyangamugayo nibyo bizafasha Leta y'u Rwanda kuzatsinda urugamba rwo kurwanya ruswa n'Akarengane ku bufatanye bwacu twese nk'Abaturage n'Abayobozi ndetse tukazabiraga abana bacu bo Bayobozi b'ejo hazaza.

Ibiganiro bitangwa biba bigamije gufasha Umuturage n' Umuyobozi kugira ubunyangamugayo, kumenya uburenganzira bwe n'inshingano bityo imyitwarire ya buri wese ntigire uwo ibangamira cyangwa ihutaza.

Biba umwanya mwiza kandi wo gusobanukirwa no kumenya kw'abitabira ibyo biganiro imyitwarire myiza igomba kuranga Umuyobozi n'imyitwarire mibi itagomba kumuranga kugirango ejo hatazagira umuturage warenganywa n'Umuyobozi witwaye nabi ndetse n'uwaba yararenganye akaba yagana Urwego rw'Umuvunyi rugakora ubusesenguzi bityo uwarenganye akarenganurwa.

Nkore neza bandebereho ni intwaro ikwiye kudufasha twese gutsinda urugamba rwo gukumira no kurwanya ruswa n'akarengane bityo indangagaciro n'ubupfura bikaba umwambaro iteka uranga Abayobozi. Ibyo bikagaragarira mu myitwarire ya buri munsi y'Umuyobozi, bikagaragarira kandi mu byemezo Abayobozi bafata.

Indangagaciro n'Ubupfura bikwiye kuranga Abayobozi bityo bakaba intangarugero n'icyitegererezo mubo bayobora no mu baturage muri rusange ibyo nibyo Urwego rw'Umuvunyi rusaba Abayobozi mu biganiro bagirana.

Abitabira ibiganiro basobanurirwa indangagaciro, ubunyangamugayo cyangwa ubupfura mu buryo bukurikira:

• Indangagaciro ni imyumvire cyangwa imyitwarire iyobora umuntu mu myitwarire ye, mu bikorwa, mu buzima bwe bwite no mu buzima bw'akazi.

Izi ndangagaciro zigamije gufasha umuntu kumenya kuvangura icyiza n'ikibi. Bityo rero ni ngombwa ko umuyobozi agira indagagaciro zimufasha kurangiza inshingano ze cyane ko agomba kuba intangarugero ugereranyije n'abandi ayobora.

Abayobozi basobanurirwa kandi ko Umuyobozi ufite indangagaciro bituma akorana neza n'abandi mu buryo bw'ubwizerane.

• Ubunyangamuga/ubupfura: Inyangamugayo cyangwa imfura ni umuntu w'umunyakuri, utajenjeka kandi wiha agaciro; ufite umutima mwiza, wiyoroshya kandi akicisha bugufi.

Inteko Izirikana isobanura ko ubupfura ari "umwambaro w'umutima ugaragarira mu myifatire n'imigirire by'intangarugero"

Inteko Izirikana kandi yagaragaje zimwe mu ndangagaciro zishamikiye ku kugira ubupfura zikaba arizo tuganira n'Abayobozi ko zikwiye kuranga imyitwarire yabo no kubayobora mu muzima bwa buri munsi. Izo ndangagaciro n' izi

# IMIYOBORERE MYIZA

zikurikra:

• kwiyoroshya, kujya inama, kuzuza amasezerano, kubaha ijambo, kuvugisha ukuri, kwihangana, kudahemuka, gushima no gushimira, gushishoza no kwanga umugayo.

• Kuba ikitegererezo mu byo akora

• Gukunda abo ayobora

• Kumenya gutega amatwi no kuvugana ineza

• Kugira imyitwarire mizima itarimo uburiganya

• Kumenya gutera imbaraga abo ayobora kugira ngo bagere ku umusaruro

• Guteza imbere no kubaha uburenganzira bwa muntu;

• Gukorera mu mucyo, kwemera kubazwa no kugaragaza ibyo akora;

• Guteza imbere imitangire ya serivisi nziza no gushyiraho uburyo bwo kuzinoza

• Gushimira abakoze neza no gutanga ibihembo mu gihe ari ngombwa

• Kugerageza ibishya

• Gushyikirana ku buryo buboneye n'ibindi

Mu biganiro Urwego rw'Umuvunyi rushishikariza Abayobozi kurangwa n'indangagaciro zivuzwe haruguru haba mu kazi no hanze yako kuko arizo zizafasha Igihugu cyacu kwihuta mu iterambere rizira ruswa n'akarengane.

Nyuma yo kugaragaza indangagaciro zigomba kuranga umuyobozi, Urwego rw'Umuvunyi kandi ruganiriza Abayobozi ibyo babujijwe gukora n'ibitabangikanwa n'Ubuyobozi nk'uko tubisanga mu Itegeko Ngenga rihindura kandi ryuzuza Itegeko Ngenga n° 61/2008 ryo kuwa 10/09/2008 rigena imyitwarire y'Abayobozi mu nzego za Leta.

Imyitwarire mibi idakwiye kuranga Umuyobozi ivugwa n'itegeko twavuze haruguru ni iyi ikurira:

• Kwambura abo afitiye imyenda yafashe hakurikijwe amategeko cyangwa amasezerano;

• Gutanga ruswa cyangwa kuyakira, gukoresha igitinyiro n'ikimenyane,

• Gutonesha, kwigwizaho umutungo mu buryo butemewe,

• Gukora ibikorwa by'iyezandonke n'ibindi byaha bifitanye isano na ruswa;

• Gukoresha nabi we ubwe cyangwa kureka uwo ayobora agakoresha nabi umutungo wa Leta cyangwa w'ikigo;

• Kwigarurira umutungo cyangwa impano igenewe urwego, ikigo cyangwa serivisi ayobora;

• Gukoresha imvugo n'ibikorwa bigamije gusebanya, gutesha umuntu agaciro, guhagarika cyangwa gukura abakozi ku kazi mu buryo bunyuranyije n'amategeko cyangwa kubaburabuza ku bundi buryo;

• Kumena ibanga ry'umurimo ashinzwe cyangwa yari ashinzwe;

• Kugenzwa n'inyungu bwite, inda nini n'umururumba

• Kubogama

• Kurangwa n'ihohotera

• Gutsimbarara ku kibi n'ibindi

Urwego rw'Umuvunyi rusanga ibi biganiro n'izi nyigisho nibikomeza guhabwa Abayobozi bariho n'Abayobozi b'ejo hazaza, bizagira uruhare mu kunoza imyumvire, imyitwarire n'imikorere by'Abayobozi n'Abaturage muri rusange bityo Gukunda Igihugu, Ubumwe, Ubupfura n'Umurimo bikatugeza ku iterambere rirambye rizira Akarengane na Ruswa.



**Umwanditsi:MUGENI Cecile**

# IBIKORWA BY'URWEGO RW' UMUVUNYI

## U RWANDA RWAKIRIYE INAMA YA 24 YA KOMITE NYOBOZI Y'ISHYIRAHAMWE RY'INZEGO ZISHINZWE KURWANYA RUSWA MURI AFRIKA Y'IBURASIRAZUBA (EAAACA)




**Bamwe mu bagize Komite Nyobozi (EXCOM) y'Ishyirahamwe ry'Inzego Zishinzwe kurwanya ruswa muri Afurika y'Iburasirazuba (EAAACA)**

Kuva ku ya 19 kugeza ku ya 20 Ukuboza 2022, Urwego rw'Umuvunyi mu Rwanda rwakiriye Inama ya 24 ya Komite Nyobozi (EXCOM) y'Ishyirahamwe ry'Inzego Zishinzwe kurwanya ruswa muri Afurika y'Iburasirazuba (EAAACA). Iyi nama yari iyobowe na Madamu Nirere Madeleine, Umuvunyi Mukuru w'u Rwanda akaba na Perezida w'iri Shyirahamwe.

Afungura iyi Nama ya 24, Umuvunyi Mukuru w'u Rwanda akaba na Perezida wa EAAACA yakiriye neza abanyamuryango b' Inama ya 24 i Kigali anabashimira kuba bitabiriye iyo Nama nk'ikimenyetso cyo kwiyemeza kwishyirahamwe ndetse n'ubufatanye butajegajega bw'Akarere.

Perezida wa EAAACA yashimangiye ko nk'abanyamuryango bagize Inama Nyobozi ari ngombwa kuri bo gutekereza ku ruhare n'imikorere by'ishyirahamwe harimo gutanga Icyerekezo cy'Ubunyamabanga.

Yibukije ko bakeneye uburyo bwo guha icyerekezo iri Shyirahamwe rikagera ku rwego rushimishije mu ruhando Mpuzamahanga haba ku rwego rw'Akarere ndetse n'Amahanga no guteza imbere iri Shyirahamwe.

Umuvunyi Mukuru yashimye abanyamuryango ba EXCOM uruhare rwabo, ubwitange n'uruhare bagize mu iterambere ry'Umuryango.

# IBIKORWA BY'URWEGO RW' UMUVUNYI

EXCOM yemeje kandi ko Inama Rusange Ngarukamwaka ya 15 ya EAAACA izabera mu Burundi ku matariki ya 20-24 Werurwe 2023 ku Nsanganyamatsiko "" Strengthening Asset Recovery: Kongera ingufu mu kugaruza umutungo".




Bamwe mu bagize Komite Nyobozi (EXCOM) y'Ishyirahamwe ry'Inzego Zishinzwe kurwanya ruswa muri Afurika y'Iburasirazuba (EAAACA)






Umwanditsi:MBARUSHIMANA Jean Paul

# IBIKORWA BY'URWEGO RW' UMUVUNYI

## Urwego rw'Umuvunyi rwahembye Abanyamakuru n'Amashyirahamwe y'Urubyiruko yo kurwanya ruswa




**Abanyamakuru bahize abandi mu gukora inkuru zicukumbuye kuri ruswa**

Tariki 7 Ukuboza 2022, Urwego rw'Umuvunyi rwahembye abanyamakuru bahize abandi mu gukora inkuru zicukumbuye kuri ruswa hanahembwe kandi Amashyirahamwe y'Urubyiruko yo kurwanya ruswa nayo yahize ayandi mu mikorere n'ibikorwa byo kurwanya ruswa.

MUVUNANKIKO Valens, umwe mu bari bahagarariye aya mahuriro y'urubyiruko wavuze mu izina ryabo yavuze ko guhembwa n'abakuru ari ukubikwamo umwenda.

Yagize ati "uyu mwenda tubitswemo tugomba kuwishyura dukora neza ibyo twiyemeje duharanira gutsinda no guhashya Ruswa no kuyitangaho amakuru. iki gihembo duhawe ni ikizadufasha neza kwesa umuhigo wacu nk'amashyirahamwe yo kurwanya ruswa kandi turizeza Urwego rw'Umuvunyi ndetse n'izindi nzego dukorana nazo ko tutazigera dutsindwa uru rugambwa twatangiye rwo kurwanya Ruswa".

AGAHOZO Amiella, umwe mu Banyamakuru bahembwe n'Urwego rw'Umuvunyi avuga ko amarushanwa bayitabiriye ari benshi ariko ko aribo bagize amahirwe yo kwegukana ibihembo agashima Urwego rw'Umuvunyi arusaba guhora bigisha abanyamakuru.


Yagize ati "turashimira Urwego rw'Umuvunyi kuri aya marushanwa baduteguriye kuko adufasha, tugasaba ko Urwego rw'Umuvunyi rwajya rudutegurira n'amahugurwa menshi kuburyo abanyamakuru dusobanukirwa uko inkuru zicukumbuye kuri ruswa zikorwa".

# IBIKORWA BY'URWEGO RW' UMUVUNYI

Umuvunyi Wungirije Ushinzwe Gukumira no kurwanya ruswa Hon. Mukama Abbas yavuze ko guhemba Abanyamakuru ari ukuzirikana uruhare rwabo mu kurwanya ruswa.

Amahuriro y'Urubyiruko yo kurwanya ruswa yahembwe ni Umuhuza Rwamagana, Urungano Kamonyi, KAJEDED na CICACI Huye naho abanyamakuru bahembwe bo ni 14 baturuka mu bitangazamakuru bitandukanye.

## Urwego rw'Umuvunyi rushima ibikorwa bikorwa n'Amahuriro y'urubyiruko yo kurwanya ruswa




**Amahuriro y'urubyiruko yo kurwanya ruswa ahembwa n'Urwego rw'Umuvunyi mu bikorwa bakoze byo kurwanya Ruswa**

Ku wa Gatatu tariki 7/12/2022, i Kigali hizihijwe umunsi wahariwe amahuriro y'urubyiruko yo kurwanya ruswa. Uyu munsi wateguwe mu rwego rw'ibikorwa byateguwe mu cyumweru cyahariwe kurwanya ruswa 2022 (26/11/2022-09/12/2022).

Mu ijambo ritangiza uyu munsi, Umuvunyi Mukuru Madamu Nirere Madeleine yavuze ko Urwego rw'Umuvunyi rushima ibikorwa bikorwa n'Amahuriro y'urubyiruko yo kurwanya ruswa kuko bafasha urubyiruko n'abaturage muri rusange kumenya ububi bwa ruswa kandi bakabakangurira kuyirinda no kuyitangaho amakuru.

Mu ijambo rye risoza uyu munsi, Umuvunyi Wungirije Ushinzwe Gukumira no kurwanya Ruswa Hon. Mukama Abbas yavuze ko urubyiruko ari imbaraga z'Igihugu kandi aribo bayobozi b'ejo hazaza ariyo mpamvu mu cyumweru cyo kurwanya ruswa buri mwaka Urwego rw'Umuvunyi rugenera urubyiruko umunsi wihariye wo kuganira ku bubi bwa ruswa no kubatoza indangagaciro z'ubunyangamugayo.

Yagize ati "mwe nk'urubyiruko muri imbaraga z'Igihugu, mugomba kwirinda ruswa, kwirinda kwishora mu mwanda wa ruswa kandi mukagera ikirenge mucyo ababohoye Igihugu muri 1994 bakanahagarika Jenoside yakorewe Abatutsi muri 1994".

Mu biganiro byatanzwe byibanze cyane ku ruhare rw'ayo mahuriro mu kwimakaza indangagaciro zo kurandura ruswa, n'uruhare rw'itangazamakuru mu gukumira no kurwanya ruswa.

**Umwanditsi:MBARUSHIMANA Jean Paul**



# IBIKORWA BY'URWEGO RW' UMUVUNYI

## URWEGO RW'UMUVUNYI RWAGIRANYE INAMA NYUNGURANABITEKEREZO N'INZEGO ZIFITE MU NSHINGANO SERIVISI Z'IMARI BAGANIRA KU NGAMBA ZO GUKUMIRA NO KURWANYA RUSWA




**Umuvunyi Mukuru Madamu Nirere Madeleine ageza ijambo ry'ikaze ku bitabiriye Inama Nyunguranabitekerezo ku ngamba zo gukumira no kurwanya ruswa muri serivisi z'imari**

Kuri uyu Wakabiri tariki 06/12/2022, Urwego rw'Umuvunyi rwagiranye Inama Nyunguranabitekerezo n'Inzego zifite mu nshingano Serivisi z'Imari baganira ku ngamba zo gukumira no kurwanya ruswa muri serivisi z'imari mu rwego rwo kunoza imikorere yazo kugira ngo umugenerwabikorwa ahabwe serivisi inoze, yihuse kandi itanzwe mu mucyo.

Iyi nama yari ifite insanganyamatsiko yo gukumira ibyuho bya ruswa muri serivisi z'imari, ikibitera n'icyakorwa.

Afungura iyi nama, Umuvunyi Mukuru Madamu Nirere Madeleine yavuze ko hateguwe iyi nama mu rwego rwo gukangurira abakora mu bigo by'imari gutanga serivisi nziza, kwirinda ruswa no guhangana n'ikibazo cy'imikorere idahwitse ikigaragara hamwe na hamwe kimwe no kureba ingamba ziriho mu gukumira no kurwanya ruswa mu bigo by'imari , imbogamizi n'icyakorwa kugira ngo inzego zose ari iza Leta, iz'abikorera, kugira ngo ruswa irusheho kurwanya himakwazwa imikorere myiza.

# IBIKORWA BY'URWEGO RW' UMUVUNYI




**Abatanze ikiganiro ku ngamba zo gukumira no kurwanya ruswa muri serivisi z'imari tariki ya 6 Ukuboza 2022 muri SERENA HOTELI**

Yagize ati "Serivisi z'imari ni inkingi ya mwamba mu bukungu no mu iterambere bw'Igihugu n'ubw'abantu ku giti cyabo iyo zitanzwe mu mucyo nta karengane na ruswa".

Umuvunyi Mukuru yongeyeho ko "Ibigo by'imari ni umufatanyabikorwa ukomeye w'Igihugu mu iterambere ryacyo mu kugena imikoreshereze y'amafaranga binyuze mu misoro, inguzanyo zihabwa abantu ndetse no kunganira igihugu mu kugabanya ubushomeri kuko ibigo by'imari bitanga imirimo iyo ibi byose bikozwe mu mucyo"

Abitabiriye iyi nama harimo kandi bamwe mu bagize Inteko Ishinga Amategeko: (APNAC na PAC), Umushinjyacyaha Mukuru, Umugenzuzi Mukuru Wungirije w'Imari ya Leta, Umunyamabanga Mukuru Wungirije wa RIB, Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu, Chairperson wa Transparency International Rwanda, Abayobozi baza Banki, Sociyete z'Ubwishingizi n'ibigo by'imari n'abandi batumirwa batandukanye.

Kugeza ubu ruswa muri serivisi z'imari igaragazwa n'ubushakashatsi butandukanye. Ubushakashatsi bwa Baseline study on the status of corruption in Rwanda bwakozwe n'Urwego rw'Umuvunyi muri 2020bwagaragaje ko amabanki akigaragaramo ruswa, hakaba n'amadosiye y'abakozi b'ibigo by'imari bagiye bakatirwa kubera ibyaha byo kunyereza bagera kuri 124 mu myaka itanu ni ukuvuga 2014-2018, banyereje arenga miliyari na miliyoni magana abiri.

U Rwanda rwashyizeho ingamba zitandukanye zigamije gukumira no kurwanya ruswa. Hashyizweho Politiki yo kurwanya ruswa, servisi nyinshi zitangwa hifashishijwe ikoranabuhanga harimo na servisi z'imyishyurire (e-payment), mu mitangire y'amasoko, mu butabera, mu kubona ibyangombwa bitangwa n'inzego z'ubuyobozi n'ibindi ariko umusaruro uzivuyemo ntiwaboneka buri wese atazigize ize. Rwashyizeho kandi Gahunda ya Guverinoma y'imyaka irindwi n'intumbero 2050. Gahunda ya Guverinoma y'imyaka irindwi (2017-2024) iteganya ko muri 2024, ikigero cyo kurwanya ruswa kizava kuri 86.56% (RGS 2016) kigere kuri 92.56% muri 2024 mu gihe muri 2050 u Rwanda rugomba kuzaba ari urwa mbere ku isi mu kurwanya ruswa.


**Umwanditsi:MBARUSHIMANA Jean Paul**



# INKURU ISHUSHANYIJE



# INKURU ISHUSHANYIJE



# UMUVUNYI MAGAZINE

BP 6269 Kigali - Rwanda

Tel: +250 587308/09, Fax: 587182

Email: ombudsinfo@ombudsman.gov.rw

www.ombudsman.gov.rw

URWEGO RWUMUVUNYI

LETS JOIN HANDS AND FIGHT AGAINST CORRUPTION

